# IKIMENYETSO CY'INYAMASWA

FORA: NDI NDE?



# IBY'IBANZE

## *FORA NDI NDE ? (UBUHANUZI)*

*NDI IHEMBE RITO RYAMEZE NYUMA Y'AYANDI, IMBERE YANJYE HARANDUKA ANDI MAHEMBE ATATU MU YARI ASANZWE, MFITE AMASO NK'AY'UMUNTU N'AKANWA KAVUGA IBIKOMEYE, KANDI NDUSHA ANDI MAHEMBE GUKOMERA. DANIELI 7 :19-21.*

*— NDI NDE ? — Danieli 7 :25.*

*NDI AGAHEMBE GATO KASHAMISTE KU RINDI, KAKUZE CYANE, KAGAHINDUKA RININI, KAGERA NO MU NGABO ZO MU IJURU KAJUGUNYA HASI ZIMWE N'INYENYERI, KARIKUZA KIRESHYESHYA N'UMUGABA W'INGABO, KAMUKURAHO IGITAMBO GIHORAHO DANIELI 7 :19-21.*

*— NDI NDE ? — Danieli 7 :25.*

*NDI INYAMASWA YA MBERE NAKIZE URUGUMA RWICA NARI NARAKOMERETSE, ABARI MU ISI YOSE BAZANKURIKIRA BANTANGARIRA, NTAWE UZABASHA KUNDWANYA. ABARI MU ISI BOSE BAZANDAMYA, KANDI MFITE UMUBARE WANJYE UNDANGA « 666 »*

*— NDI NDE ? — Ibyahishuwe 13 :3, 12, 18.*

*NZATERA BOSE, ABOROHEJE N'ABAKOMEYE, ABATUNZI N'ABAKENE, AB'UMUDENDEZO N'AB'IMBATA, GUSHYIRWAHO IKIMENYETSO CYANJYE CY'UBUTEGETSI BWANJYE, KANDI NTAWE UZEMERERWA KUGURA NO KUGURISHA ADAFITE ICYO KIMENYETSO CYANJYE.*

*— NDI NDE ? — Ibyahishuwe 13 :16.*

*UMUNTU WESE UZANDAMYA N'IGISHUSHANYO CYANJYE, AGASHYIRWAHO IKIMENYETSO CYANJYE MU RUHANGA NO MU KIGANZA, UWO NIWE UZANYWA KU NZOGA Y'UMUJINYA W'IMANA, YITEGUWE IDAFUNGUWEMO AMAZI MU GACUMA K'UMUJINYA WAYO. KANDI AZABABAZWA N'UMURIRO N'AMAZUKU IMBERE Y'ABAMARAIKA BERA N'IMBERE Y'UMWANA W'UMUNTU.*

*— NDI NDE ? — Ibyahishuwe 14 :9-10.*

* * * * * * * * *

# SOMA BIBLIA YERA, MAZE UMENYE UKURI UKUGENDEREMO, KANDI UKWITONDERE.




## *FORA NDI NDE ? « NDI INYAMASWA-MUNTU ».*

### INYAMASWA NI IKI ?

Mu mvugo ya gihanuzi, «*INYAMASWA*», ni «*UBWAMI* », « *INGOMA*». *IHEMBE : NI «INGOMA ». «UBWAMI ». «UBUTEGETSI BWA POLITIKI*

*INYAMASWA YAVUYE MU NYANJA*



*Reka dusome muri Biblia*

« ***Ngihagarara ku musenyi wo ku nyanja, ngiye kubona mbona inyamaswa iva mu nyanja,*** ifite amahembe cumi n'imitwe irindwi, ku mahembe yayo hariho ibisingo cumi, no ku mitwe yayo hariho amazina yo gutuka Imana. ***Iyo nyamaswa nabonye yasaga n'ingwe,*** amajanja yayo yasaga n'ay'aruko, akanwa kayo kasaga n'ak'intare. Cya kiyoka kiyiha imbaraga zacyo n'intebe yacyo y'ubwami, n'ubutware bukomeye. Nuko mbona umwe mu mitwe yayo usa n'ukomeretse uruguma rwica, ariko urwo ruguma ruyishe rurakira. Abari mu isi yose bakurikira iyo nyamaswa bayitangarira. Baramya icyo kiyoka kuko cyahaye iyo nyamaswa ubutware bwacyo baramya n'iyo nyamaswa bati : ninde uhwanye n'iyi nyamaswa, kandi ninde



ubasha kuyirwanya ? Ihabwa akanwa kavuga ibikomeye n'ibyo gutuka Imana, ihabwa kurama ngo imare amezi mirongo ine n'abiri. Ibumburira akanwa kayo gutuka izina ryayo n'ihema ryayo n'ababa mu ijuru. Ihabwa kurwanya abera no kubanesha, ihabwa no gutwara imiryango yose n'amoko yose n'indimi zose n'amahanga yose. Abari mu isi yose bazayiramya, umuntu wese izina rye ritanditse mu gitabo cy'umwana w'intama watambwe uhereye ku kuremwa kw'isi ». *Ibyahishuwe 13 : 4-8.*

### =UBUSOBANURO MU NCAMAKE=

******INYAMASWA IVUYE MU NYANJA: UBWAMI BW'INGOMA Y'ABAROMA* (Empire romain).

**Mu nyanja:* bisobanura mu bantu benshi cyane. Ubwami bwavuye mu bantu benshi.
**Inyamaswa ifite imitwe irindwi*: bisobanura ubwami bw'abami barindwi.

**Amahembe cumi* : bisobanura ingoma cumi zigabanije ingoma y'abaroma ubwo yari imaze gutagarana igacikamo ingoma cumi, arizo izi: *UBUFARANSA, ESPANIA, POLUTIGALI, UBUDAGE, UBUSUWISI, UBWONGEREZA, UBUTALIYANI, ABAHERURI, UBUVANDALI, ABASITROGOTI.*

* *Yakomeretse uruguma rwica ku mutwe, ariko rurakira*
Umutwe wakomeretse muri ya mitwe irindwi, ugereranya Ubupapa, uhereye muri 1798-1929, ni ukuvuga 130, ubupapa ntibwarengaga umupaka wa Roma. Ubutware bwe ntibwarengaga Roma. Muri 1798, ubufaransa bwigometse kuri Papa Pio wa 6, wariho icyo gihe. Nuko Napoléon yohereza Général *BERTHIER*, agaba igitero gikomeye i Vatikani ; afata Papa Pio wa 6, aramuzana, gufungirwa mu Bufaransa. Apfira muri gereza, yishwe n'ubukonje. Abafaransa bishyiriraho Papa wabo, atura Avignon. Kuva icyo gihe, ubupapa ntibwongeye gutegeka isi yose. Umupapa wajyagaho i Vatikani, ntiyabashaga kurenga i Roma. Ngurwo Uruguma Rwica. Muri 1929, nibwo ubupapa bwongeye kubyutsa umutwe. Bwongera kugira ubutegtsi mu isi yose, buba bukize rwa «Ruguma Rwica».

*** IHABWA KURAMA AMEZI 42**

Ukwezi kwa gihanuzi ni iminsi 30. Umwaka wa gihanuzi ni iminsi 360. Amezi 42 x 30 = 1260 (iminsi). Iyo minsi yahereye muri 538-igeza 1798. Ni ukuvuga 1798 – 538 = 1260 (iminsi). Biblia ivuga ko ari «igihe » n'«ibihe », n'«igice cy'igihe ».

Ibihe = umwaka umwe wa gihanuzi ufite iminsi :360.
Ibihe = imyaka umwe ya gihanuzi ifite iminsi :720.
Igice cy'igihe cya gihanuzi gifite iminsi :180.
**1260**

** Ihabwa akanwa kavuga ibikomeye byo gutuka imana*

Papa yiyise aya mazina : *« NYIRUBUTUNGANE », « UHAGARARIYE UMWANA W'INTAMA KU ISI », « DATA W'ABANTU BOSE ».*

Nyirubutungane ni Imana yonyine. Nta muntu ubasha kuba intungane ku Mana. Nanone kandi Yesu yaravuze ati : « kandi ntimukagire umuntu wo mu isi mwita «Data » : kuko so ari umwe, ar'uwo mu ijuru ». *Matayo 23 :9.*

Ayo mazina yose yiyise atabikwiriye, yagenewe Imana yonyine. Gukoresha ayo mazina ayiyitirira, ni ugutuka Imana.

** Ihabwa kurwanya abera no kubanesha*

Ubupapa mu myaka 1260, itangira muri 538—1798, bwishe abakristu banze inyigisho z'i Roma barenga miliyoni mirongo itanu. Nibwo barwanyije abera b'isumba byose, benda kubanesha, abize amateka bazi uko bicaga abantu urupfu n'agashinyaguro, babajugunyira intare zikabatanyaguza. *Abaheburayo 11 :35-38.*

** Abari mu isi bose bazayiramya*

Akarengane kariho muri icyo gihe, kari kerekeje mu bangaga kuramya ubupapa bonyine. Abemeye ubutware bwa papa n'inyigisho, bakamuramya ntacyo babatwaye. Niko n'ubu bigiye kugenda, ibyabayeho bigiye kugaruka.

***INYAMASWA YAVUYE MU BUTAKA:** *NI LETA ZUNZE UBUMWE ZA AMERIKA (USA)*

*Mu butaka: ahantu hadatuwe n'abantu.*

« Nuko mbona indi nyamaswa izamuka iva mu butaka. Iyo nyamaswa yari ifite amahembe abiri ameze nk'ay'umwana w'intama, ivuga nk'ikiyoka. Itegekesha ububasha bwose bwa ya nyamaswa mu maso



yayo, ihata isi n'abayirimo ngo baramye ya nyamaswa ya mbere yakize uruguma rwayishe ». *Ibyahishuwe 13 :11-12. NI LETA ZUNZE UBUMWE ZA AMERIKA (USA).* Mu butaka ni ukuvuga : ahantu hadatuwe n'abantu. Nk'uko abize amateka babizi, Amerika ntabwo yari ituwe n'abantu, abayituye ubu bakomotse hanze, baza bahunga akarengane gakomeye k'ubupapa icyo gihe ntabwo Amerika yari yarigeze iturwa n'abantu kugeza ubwo abayihungiyemo bazaga. Inyamaswa yavuye mu butaka bisobanura ubutegetsi bwaturutse ahahoze hadatuwe n'abantu.

** Yari ifite amahembe abiri nk'ay'umwana w'intama*

Amahembe abiri ya leta zunze ubumwe za Amerika ni *ishyaka rya politiki «Uburepubulika» n'idini ry'igihugu cyabo «Uboprotestanti ».* Ngayo amahembe abiri nk'ay'umwana w'intama.

** Ivuga nk'ikiyoka*

*IKIYOKA NI SATANI.* Kuvuga nk'ikiyoka, ni ukuvuga ibya satani. Ubundi Amerika imaze guturwa, abaturage bayo bahise biyemeza kutavanga ubutegetsi bwa politiki n'iby'idini. Bashinga leta yabo banga kwifatanya na Roma, ariko ubuhanuzi buvuga ko Amerika izongera kunga ubumwe na Roma, ndetse twabonye ko izahatira abatuye isi bose kuramya ubupapa. Bahakanye kuzafatanya nayo uretse no gufatanya nabo ubwabo, ahubwo bazahatira n'isi yose gufatanya na Roma, ndetse ngo gushyirwaho ikimenyetso cy'inyamaswa mu ruhanga no mu kiganza. Nguko *KUVUGA NK'IKIYOKA.*

**Itegekesha ububasha bwa ya nyamaswa yakize uruguma rwayishe.*

Birumvikana ko leta zunze ubumwe za Amerika zizakoresha ububasha bw'ubupapa (inyamaswa yakize uruguma), kugira ngo isi yose yemere inyigihso za Roma, isi yose izashyirwaho agahato na leta zunze ubumwe za Amerika bubikorera imbere y'ubupapa, ibusabira ko isi yose yemera amategeko yatanzwe na Papa, birimo gusenga ku munsi umwe wa dimanche ku isi yose.

***MUSOBANUKIRWE NEZA IBY'INYAMASWA EBYIRI ZO MU BYAHISHUWE 13.***

- *INYAMASWA YA MBERE yo mu byahishuwe 13: 3-8*
  *= NI UBUPAPA*
- *INYAMASWA YA KABIRI yo mu byahishuwe 13: 14-17*
  *= NI LETA ZUNZE UBUMWE ZA AMERIKA*

***Ikimenyetso cy'inyamaswa ya mbere yo mu byahishuwe 13, kizahabwa gukomera n'inyamaswa ya kabiri .***
Inyamaswa ivugwa 'aha, isobanura ***Papa n'ubutegetsi bwe bushya.*** Papa ni umuyobozi w'idini ikomeye, nyamara ikizaba kirushijeho gukomera, n'uko azaba ategeka n'ubundi butegetsi bw'isi. *Ubusobanuro bwa Biblia, vol.2, p.841-842.*

***Inyamaswa yo mu byahishuwe 13, ishushanya ubutegetsi bwa Papa mu by'idini no mu bya politiki. Inyamaswa yo mu byahishuwe 17, ishushanya leta gusa. Umugore (malaya ukomeye) uri ku nyamaswa itukura, ashushanya "IDINI".*** *Ubusobanuro bwa Biblia, vol.7, p.815.*

*Icyitonderwa:*
Nyamara abakristo bo mu bihe bya kera baruhukaga kuwa mbere ariwo dimanche bibwiraga ko bakomeza isabato yo muri Biblia, kandi n'ubu haracyariho abakristo bo mu matorero yose bataretse uguhazwa kw'Abagatolika b'i Roma, bemera ko dimanche ariyo Sabato yashyizweho n'Imana. Imana yemera imigambi yabo myiza yo gukiranuka bayikiranukira. ***Ariko ubwo kuruhuka kuri dimanche bizategekeshwa itegeko ry'agahato kandi isi yose ikerekwa ko isabato y'ukuri ariyo ngombwa, uzagomera itegeko ry'Imana wese ngo yumvire ibyategetswe bidafite agaciro karenze ak'iby'i Roma, uzubaha ubupapa kuburutisha Imana, azaba yubashye Roma n'ububasha butera inkunga inyigisho zejejwe n'i Roma. Azaba asenga inyamaswa n'igishushanyo cyayo.*** Ubwo abantu bazahinyura inyigisho Imana yashyizeho ikimenyetso cy'ububasha bwayo, mu cyimbo cyazo bakemera iza Roma yagennye, arizo ikimenyetso cy'ubutegetsi bwayo, ubwo bazaba bemeye kumvira Roma ikimenyetso cy'inyamaswa.




"Kandi mbere y'uko iyo ngingo ishingwa mu bantu ku mugaragaro kugirango bagire uguhitamo hagati y'amategeko y'Imana n'ay'abantu, abakomeza ubugome bose bazashyirwaho ikimenyetso cy'inyamaswa". *Intambara ikomeye, p.449.*
"Isimbura ry'amategeko y'abantu ngo asimbure ay'Imana, iryo kuzo rizaba rishyizweho n'ububasha bw'umuntu gusa, ngo dimanche isimbure isabato ya Biblia, nicyo kizaba igikorwa giheruka mu bibi byabayeho byose". *Ibihamya, vol.7, p.141.*
"Agahato ko kuruhuka kuri dimanche kazaba ako gusenga ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo". *Intambara ikomeye, p.449.*
"Icyo kimenyetso ntikizatangwa mbere y'uko isabato yerekwa abantu bose, kugira ngo basobanukirwe neza. Ubwo rero nibwo abantu bazihitiramo kwemera amategeko y'Imana, cyangwa kwemera amategeko yashyizweho n'abantu. Nuko abantu batazumvira amategeko y'Imana, bazashyirwaho ikimenyetso cy'inyamaswa". *Intambara ikomeye, p.449.*

***"Itorero ntirifite uburenganzira bwo guhindura ukwemera kw'isabato ngo uko kwera rigushyire ku wundi munsi.*** Guhindura umunsi w'isabato no gushyiraho amategeko aremereye agomba kuyobya abantu, kugira ngo be gukomeza isabato ku buryo bukwiriye. Umukiza niwe ubwe ufite uburenganzira bwo gufata icyemezo no kuvuga ikintu gikwiye gukorwa ku isabato icyo ari cyo". *Ubusobanuro bwa Biblia, vol.5, p.589.*
***"Iyo nyamaswa ya mbere ihagaze mu cyimbo cy'itorero ry'i Roma,*** niyo rufatikanye rwikingira imbaraga ya Leta, ariryo rifite ububasha bwo guciraho iteka abanga kuryumvira bose". *Intambara ikomeye, p.84.*

**INYAMASWA ITEYE UBWOBA Y'INYAMBARAGA NYINSHI : Danieli 7 :7-8.*
Ni ingoma y'ubwami bw'abaroma, ingoma y'abaroma yari iteye ubwoba cyane, yatigishije isi yose, abize amateka y'isi yose barabizi neza, ubwami bw'abaroma bwari buteye ubwoba. Ntacyabuhangaraga, bwamenaguraga ibintu, ibisigaye bukabisiribanga. Ingoma y'abaroma yateraga bose guhinda imishyitsi, bwagereranywaga n'*ICYUMA*.
* *Ifite amambe cumi*
Amahembe cumi: ni ubwami cumi (nk'uko twabibonye haruguru).

*IFITE IHEMBE RITO RIFITE AMASO NK'AY'UMUNTU N'AKANWA KAVUGA IBIKOMEYE




# IBYAHISHWE BYARAHISHUWE!

**ABANTU BO MU MINSI Y'IMPERUKA, BAFITE AMASO, ARIKO NTIBABONA!**



*IMBERE YARYO HAKURWAHO AMAHEMBE ATATU MU YARI ASANZWE

*Ihembe rito* : *NI UBUPAPA NA KILIZIYA GATOLIKA BUYOBORA*

Nibwo bwabayeho nyuma y'izo ngoma cumi. Muri 538, nibwo ubupapa bwari bumaze kugaragaza ububasha bwabwo bukomeye. Bwarwanyije bikomeye *ABAVANDALI, ABAHERURI, N'ABASITROGOTI* burabanesha, bwigarurira ahari ahubwo bwami butatu buneshejwe, amahembe atatu aba avuyeho, higarurirwa na ka gahembe gato (umwami udasa n'abandi bami). Hanyuma yabo, hazima undi mwami, ariko we ntazaba asa n'abo ba mbere, kandi azanesha abami batatu. *Danieli 7 :24.* Ubupapa ntabwo bumeze nk'ubundi bwami, kuko bufite ubutegetsi bubiri : *UBUTEGETSI BW'IDINI N'UBUTEGETSI BWA POLITIKI.* Papa afite leta n'abaminisitiri be, afite za ambasade ku isi yose zikora mu buryo bwa politiki, papa yavanze ubutegetsi kandi Yesu yaravuze ati : iby'Imana mubihe Imana, n'ibya Kayisari mubihe Kayisari. Soma *Matayo 22 :20-21.* Yesu yavanguye ubutegetsi bw'idini n'ibya politiki, ariko ubupapa bwo bwarigometse burabivangavanga. Nicyo gituma butameze nk'ubundi bwami nyine.

*IRI HEMBE RITO RISANZWE NIRYO RYAKOZE ISHYANO ! Soma Danieli 7 :25.
*IRI HEMBE RITO RISANZWE NIRYO RIGIYE GUKORA ISHYANO ! Soma Ibyahishuwe 13 :16-18.
*IRI HEMBE RITO NIRYO NYAMASWA IVUGWA MU BYAHISHUWE IFITE UMUBARE W'IZINA RYAYO 666.

*REKA TUREBE UKO UMUBARE W'INYAMASWA UBONEKA : KUKO BIBLIA IVUGA KO ARI UMUBARE W'UMUNTU, KANDI UWO MUBARE NI "666"*

« Aha niho ubwenge buri : ufite ubwenge abare umubare w'iyo nyamaswa, kuko ari umubare w'umuntu : kandi umbare we ni 666. *Ibyahishuwe 13 :18.* Nkuko twabibonye kuvuga inyamaswa si ugutukana nkuko bamwe babivuga, kuko twasanze ko inyamaswa bisobanura *UBWAMI*, noneho rero, reka turebe izina ry'ubwami rifite umubare waryo 666, kandi nkuko twabibonye nyirawo akaba yujuje ibyo twavuze haruguru. Twabonye ko inyamaswa ivugwa ari ubupapa, none turebe no mu byerekeye umubare ko ari ubupapa buyobowe na Papa turi bwongere kubona ko ari bwo nyamaswa ivugwa.

***UWO MUBARE WABONETSE KU NGOFERO YA PAPA (IKAMBA).***




Uwo mubare ni 666 wabonetse ku ikamba rya Papa, ubu iyo ngofero ntabwo agikunze kuyambara, ariko bose bazi ko iriho kandi yanditsweho ibi bikurikira : « *VICARIUS FILII DEI* ». *Iri zina rishyitsa umubare « 666 » neza rwose.*

Nk'uko twabibonye, kuvuga inyamaswa si ugutukana nk'uko bamwe babivuga, kuko inyamaswa bisobanura *UBWAMI, INGOMA, UBUBASHA*, noneho rero, reka turebe izina ry'ubwami rifite umubare waryo « 666 », kandi nkuko twabibonye nyirawo akaba yujuje ibyo twavuze haruguru. Twabonye ko inyamaswa ivugwa ari ubupapa, none turebe no mu byerekeye umubare ko ari ubupapa buyobowe na Papa turi bwongere kubona ko ari bwo nyamaswa ivugwa.

« Nuko mbona indi nyamaswa izamuka iva mu butaka. Iyo nyamaswa yari ifite amahembe abiri ameze nk'ay'umwana w'intama, ivuga nk'ikiyoka. Itegekesha ububasha bwose bwa ya nyamaswa mu maso yayo, ihata isi n'abayirimo ngo baramye ya nyamaswa ya mbere yakize uruguma rwayishe ». *Ibyahishuwe 13 :11-12.*



| *VICARIUS* | *FILII* | *DEI* | |
|---|---|---|---|
| V= 5 | F= 0 | D=500 | * 112 |
| I = 1 | I= 1 | E= 0 | * 53 |
| C=100 | L=50 | I = 1 | * 501 |
| A= 0 | I = 1 | ------- | ------ |
| R= 0 | I = 1 | 501 | 666 |
| I = 1 | ------- | | |
| U= 5 | 53 | | |
| S= 0 | | | |
| ------- | | | |
| 112 | | | |




Izina ry'ingenzi ry'umukuru w'i Roma ni «*Umusimbura w'umwana w'Imana*» nibyo byitwa mu kilatini «*Vicarius Filii Dei* ». ***Nguwo wa mubare "666" Biblia idutungira agatoki, ko uzateza akaga abazemera kuwakira. Murabe maso! Kuko satani yatangiye kuwutumenyereza buhoro buhoro kugira ngo asinzirize amakenga yacu.*** Mwiboneye ko uyu mubare ari umubare wa Papa, ntabwo ari uwa Neron.

Ntabwo iyo nyamaswa ivugwa aha ari Neron, nk'uko Abagatolika bavuga: kuko Neron yapfuye kera, ntabwo azongera kubaho. Ni koko ku ngoma ye yishe abantu benshi, ariko ntabwo azongera kubaho. Yarapfuye. Nyamara ubupapa bwo bwariho icyo gihe, nubwo bwakomeretse uruguma rwica, ariko guhera muri 1929 bwongeye kugira ubutegetsi bukwiriye ku isi yose. Buzaba buriho no mu mperuka y'isi, burenanya na none abatemeye kubuyoboka bose: banze itegeko rya dimanche (icyumweru), ikimenyetso cy'ubupapa ku isi yose, kizahumeka, cyicishe abatazakiramya bose. *Ibyahishuwe 13:15.* Amaherezo y'agahembe gato kavugaga ibikomeye ni ayahe? Soma *Danieli 7:11-12.*

***Dusobanukirwe neza***

Kuvuga ko uyu mubare "666" ari uwa Papa, ntabwo ari ugushaka kumusebya cyangwa kumuharabika. Ahubwo ibyo twerekanye aha haruguru, nibyo bituma bivugwa bityo. Iyo tuvuze ko iyo nyamaswa ari Ubupapa, ntabwo tuba tugendereye gutukana nk'uko bamwe badasobanukiwe n'ubuhanuzi babivuga. Imvugo y'ubuhanuzi

ikoreshwa uko iri, nubwo yanditswe mu buryo butaryoheye ubyumva cyangwa ubisoma, bigomba gufatwa bityo.

*ZIRIKANA*
Uyu mubare 666 ni ikimenyetso cy'ubwiru bw'idini y'abagatolika uturutse mu bapagani b'i Roma : kuko uhereye cyera cyane wambarwaga n'abatambyi b'ikigirwamana « *IZUBA* » mu mpigi zabo zimeze nk'imidari. Ibyahishuwe bikoresha umuco wa kera wo guha inomero amazina y'ubutegetsi cyangwa se amazina yerekana ubushobozi. Ikimenyetso cyakoreshwaga guhamya ubushobozi bw'uwanditse izina rye, kugira ngo itegeko rihame rwose. Kenshi bajyaga bakoresha impeta y'umwami ikaba ariyo iba ikimenyetso. *1Abami 21 :8 ; Esteri 3 :12.*

## =UBUSOBANURO BUSESENGUYE ICYIGISHO=

## INYAMASWA YAVUYE MU NYANJA

***Inyamaswa yavuye mu nyanja. Ibyah.13:1,2.***

- Danieli yeretswe yuko mu buhanuzi inyamaswa igereranya ubwami bw'abantu *(Danieli 7:17).* Kuva mu nyanja kwayo kugaragaza ko ari ubwami buzaduka mu bantu benshi cyane.
- Muri Danieli 7, Imana yeretse umuhanuzi wayo inyamaswa 4 zikurikirana; naho Yohana yeretswe imwe gusa, nyamara rero ifitanye isano cyane n'inyamaswa 4 Danieli yabonye.

| **Danieli** | **Yohana** |
|---|---|
| 1.Iya mbere yari *intare*; | 1.Akanwa kayo kasaga *n'ak'intare*; |
| 2.Iya kabiri yasaga *n'idubu*; | 2.Amajanja yayo yasaga *n'ay'idubu*; |
| 3.Iya gatatu yasaga *n'ingwe*; | 3.Inyamaswa ubwayo yasaga *n'ingwe* |
| 4.Iya kane yari ifite *amahembe* 10. | 4.Inyamaswa yari ifite *amahembe* 10. |

Danieli yeretswe ibyajyaga kuzaba hanyuma y'igihe cye, niko kubona izo nyamaswa 4 zaduka zikurikiranye, naho Yohana yabayeho zose zimaze kwaduka. Nyamara rero nubwo ubwami bw'i Babubolni n'ubw'Abaperesi bwari bumaze guhanguka, ubw'Abagiriki bukanyagwa n'Abaroma, ubwami bwose bwabayeho mbere ye bwasize ibimenyetso byabwo mu bantu, wibuke nawe ko na bugingo n'ubu hariho iby'abantu bamwe bakurikiza byakomotse mu b'i Babuloni (nk'amasaha 24 mu minsi, za "inches" 12 muri "foot" imwe; za "degrée" 360 mu cyiburungushuye gishyitse, etc). Ibindi ku Bagiriki, ibindi ku Baroma. Imico yabo n'inyigisho zabo n'imihango yabo ndetse n'amategeko yabo amwe biracyariho; na n'ubu, nicyo cyatumye Yohana abona ikimenyetso cya buri bwami kiri kuri ya nyamaswa yeretswe.

- *Yari ifite imitwe irindwi:* mu yandi magambo, iyo nyamaswa igereranya ubwami bw'abami bose (7 ni ibishyitse byuzuye) bigeze kubaho, kandi bizabaho, bafite ingeso zihuje n'izo Yohana agiye kuranga kuri ya mitwe 7.
- *Ku mitwe yayo (ariyo Bami bayo) hariho amazina yo gutuka Imana.* Muri ayo magambo hari ifuti ry'abahinduzi. Mu rugiriki ntihavugwa ngo: "amazina yo gutuka Imana" ahubwo ngo "amazina yo kwigereranya n'Imana". Mu rugiriki ni ijambo rimwe n'iryavuzwe kuri Yesu muri *Mat. 26:65*. Reba "contexte" yo haruguru y'uwo murongo. Biragaraga yuko abami bavugwa ari abigize imana z'abantu. Na n'ubu i Roma bene abo barahari. Wibuke uburyo na kera Abakaisari b'i Roma bigiraga abasengwa na rubanda.
- *Cya kiyoka nicyo giha iyo nyamaswa imbaraga zacyo:* ikiyoka ni cya kindi kivugwa mu byahishuwe 12 (12:9); Satani niwe wakoreraga mu Bami bavugwa muri iki gice cya 3, akabahagarikira no kubahesha ubutware n'icyubahiro.

***Iby'umutwe umwe w'inyamaswa wakomeretse uruguma rwica, nyuma rugakira (Ibyah. 13:3)***

- *Imitwe irindwi igereranya abami n'i Roma bose bigeze kwigereranya n'Imana ngo basengwe.* Ni uguhera ku Bakaisari rero, ukageza mu ba Papa. Umutwe wakomeretse uruguma nyuma rugakira, ugereranya ubupapa. Uhereye muwa 1798 A.D ukageza mu wa 1929 A.D, ubwo Papa yashumbushijwe ubutware bwe, ubwo uruguma rwica rwari rukize. Uruguma rwica rwasohoreye kuri Papa Pio wa VI.
- *"Urwo ruguma rwayishe rurakira".* Ibyo byasohoye ubwo Musolini yagaruriye Papa ububasha bwe; nibwo yahawe ubukebe bwo gutegeka, buri mu murwa w'i Roma hagati, bwitwa Vatikani.

Iyo nyamaswa igereranya ubwami bw'i Roma, ari bwo bw'abami b'abapagani bitwaga Abakayisari, cyangwa se ubw'abapapa, kuko:

- ***Ubwami bwabo n'idini yabo byasabwemo n'imigenzo y'inyigisho byakomotse ku mahanga y'abapagani***, uhereye ku b'i Babuloni, ukageza no ku Baperesi n'Abagiriki n'Abaroma. Na n'ubu inyigisho z'Abapapa zose zidahuje na Biblia zifitanye isano by'igitangaza n'iza'abapagani b'ayo moko ya kera. Urugero: kuruhuka ku munsi w'izuba "Dimanche"-Sunday, kwizera yuko abapfuye baba badapfuye, bagira roho zishobora gutabara abantu bari ku isi; gusenga umwami, gutonyanza amazi ku gahanga mu mubatizo, kudashaka kw'abasaseridoti. Abagatolika ubwabo ntabwo bahakana yuko imigenzo yabo itakomotse ku bapagani.

**Dore uko umukaridinari Baroniusi yabivuze ngo: *"Kiliziya ntagatifu yakira imihango n'imitukiro abapagani bakurikizaga mu misengere yabo yo kuramya ibigirwama byabo; kuko Kiliziya yejesheje iyo mihango gutagatifuza kwayo. Papa Gregori nawe yaravuze ati: "murimbure ibigirwamana bya gipagani, ariko ntimukagire icyo mutwara ingoro zabo. Ahubwo muziminjagireho amazi, muzishyiremo ibisigazwa, maze abanyamahanga bakomeze gusengera aho bamenyereye gusengera". R.A. Anderson, Unfolding the Revelation, p.125.***

Ibyo bikorwa byarakaje Imana. Icyanduye cyakomeje kwandura. Ikizira cyakomeje kuba ikizira.

- *Abo bami nibo babaye abo kwigereranya n'Imana*, bagashaka gusengwa ubw'abapapa nk'uko bivugwa uhereye kuri nomero 1: *Ibyah. 13:5* ngo: inyamaswa ihabwa akanwa kavuga ibikomeye n'ibyo kwigereranya n'Imana. *Mu gihe cy'abakaisari*, biyitaga Imana, ngo ni *"PONTIFEX MAZIMUS"*. Ngo nibo bakwiriye gusengwa, Oktaviani ni ko kwiyita *AGUSTO*. *Mu gihe cy'abapapa*: wibuke ibyo wize byerekeye *Danieli 7: 8b* na *Danieli 11:36,37*, rya zina Abakaisari biyitaga ngo *"PONTIFEX MAXIMUS"* niryo abapapa bihaye. Na n'ubu niko bitwa n'abayoboke babo. *"SOUVERAIN PONTIFE" LE PAPE.*
- *Ibyah. 13:5, ihabwa no kurama ngo imare amezi 42* "ubwo Kositantino yavaga i Roma, hanyuma Romulus Austulisi akanyagwa, byasaga n'aho ubutegetsi bw'i Roma bushize, ariko rero si ko byari biri. Ahubwo bwarakomeje, Imana irabubererekera, maze muwa 538 A.D; ibacira kugira ngo bakomeze kurama amezi 42, bugeze mu wa 1798 A.D, bihwanye n'imyaka 1260.
- *Ibyah.13:6 , izabumbura akanwa kayo kandi izakabumbura muri ya mezi 42*. Ibyo byarasohoye kuko muri icyo gihe nibwo abakuru b'itorero ry'i Roma babumbuye akanwa kabo kuruta mbere hose. Ngo izakabumburira gukora ibi:
- ***Kwigereranya n'Imana***. Soma iki cyitegererezo cyanditswe n'abagatolika:

*"Papa afite icyubahiro n'ikuzo bihebuje. Ntabwo ari umuntu gusa, ahubwo ni nk'Imana, ari mu cyimbo cy'Imana. Papa yitwa Nyirubutungane bwose, kuko ariko ari koko. Nuko rero, ni umwami ukomeye wera; ni umwami w'abami. Nicyo gituma yambara amakamba atatu agerekeranye agaragaza ko ari umwami wo mu ijuru n'uwo mu isi n'uw'ibiri munsi y'isi. Ubutware n'ububasha bwa Papa w'i Roma si ubwo gutwara ibyo mu ijuru n'ibyo mu isi n'ibyo munsi y'isi gusa, ahubwo atwara n'abaraika, ahebuje bose. Iyo bishoboka ko abamaraika bacumura, cyangwa se bagatekereza ibiciye ukubiri n'ukuri, bacirwaho iteka, bacibwa na Papa. Papa afite icyubahiro giheranije n'ubushobozi nicyo gituma afatanya na Kristo guca imanza. Nuko rero, icyo Papa akora cyose, bisa nk'aho hato, kuko ububasha bwe butari ubw'umuntu, ahubwo ari ubw'Imana. Niwe uri mu cyimbo cy'Imana muri iyi si, afite ububasha bwose bwo kuboha n'ubwo kubohora intama zayo".* Ayo magambo yabanje gucapwa mu mwaka wa 1746 A.D mu gihe cya ya minsi 1260.

- ***Gusuzugura ihema ry'Imana n'ababa mu ijuru***. Ayo magambo asesereza cya gicumuro kinyagisha (*Dan.8:11-13*). kuko ihema ry'Imana niryo rusengero rwayo, ryashujugujwe mu myaka 1260, ni cyo gitumye Yohana abwirwa kurugera. *Ibyah.11:1.*
- ***Ibyah.13:7, 8 hahanura iby'akarengane gashishana ko mu myaka 1260 y'umwijima*** katazabura kubyuka ubwa kabiri Yesu ataragaruka. Ubwo ukuri ko muri Biblia kuzagaragara kweruye rwose Yesu agiye kugaruka, ab'Imana batari indyarya bazava muri iryo torero riciye ukubiri n'ukuri, ariko abandi bose "bari mu isi yose bazaramya iyo nyamaswa, umuntu wese izina rye ritanditswe mu gitabo cy'ubugingo". Amaherezo iyo nyamaswa izarimburwa, kandi umurongo wa 9 n'uwa 10 harimo imiburo yerekeye iyo nyamaswa irenganya.

- ***Mu byah.13:8b havuga ko umwana w'intama watambwe uhereye ku kuremwa kw'isi.*** Uwo mwana w'intama ni Yesu, ariko yatambwe ate uhereye ku kuremwa kw'isi. ko nzi yuko yabambwe mu wa 31 A.D ubwo isi yari ifite ubukuru busaga imyaka 4000.


*Igisubizo*: wibuke ko mbere y'imyaka byose bihora bizwi nayo. Kuko izi iherezo iherey̌e mu itangiriro (*Yes.46:9,10*), ikamenya n'itangiriro. Imana byose bihora bizwi nayo. Nta mpita-gihe biba mu bitekerezo by'Imana, ahubwo imbere yayo byose bihora mu ndagihe. Bigereranye na *Rom.4:17b*.

*Iby'uwo mubare w'iyo nyamaswa: ibyah.13:18.*, *ngo ni 666.*
Ibyo bisobanura bite? Biblia ivuga ko ari umubare w'umuntu. Mbese umuntu yagira umubare ate?
*Igisubizo*:
Mu nyandiko y'idini z'abakera nk'iz'abaheburayo n'Abagiriki n'Abaroma, nta mibare bagiraga, ahubwo inyuguti zakoraga imirimo ibiri, ari ukuranga ijwi no kuranga imibare. Urugero: mu rugiriki A=1; B=2; G=3; D=4; E=5; etc. Mu ruratini rw'abaroma I=A; V=5; X=10; L=50; D=500; M=1000. Igitekerezo cyo kugira inyandiko y'imibare yiharir̆e ibimenyetso byayo bwite cyakomotse mu barabu. Kubw'ibyo rero, iyo abaroma bashakaga kwandika imibare bateranyaga inyuguti, umubumbe wazo bakawuhuza n'umubare babaga bashaka kuranga.

*Kuko inyuguti zabo zimwe zari zifite agaciro k'imibare, byabaye intandaro yo kongeranya agaciro k'inyuguti zo mu izina ry'umuntu, umubumbe bakawita umubare w'iryo zina, cyangwa se umubare w'uwo muntu. Gushaka umubare w'izina ry'umuntu babikoraga ku mpamvu ebyiri:

*Kurihisha*. Muri Biblia y'abagatolika (version ya Douay) hari ubusobanuro bw'ibyah.13:18. ngo *"inyuguti z'izina ry'uwo muntu uvugwa muri uwo murongo nizo zikwiriye kongeranywa ngo zigire umubumbe wa 666"*.
Tubirebe: a. Muri Gazette y'abagatolika yitwa *"Our Sunday Visitors"* yacapwe muri Mata 18, 1915 harimo ibi ngo: "Mbese inyuguti bavuga ko zanditswe ku ikamba rya Papa ni izihe, kandi zisobanura iki"?
*Igisubizo*: "Inyuguti zanditswe ku ikamba rya Papa ni izi: *VICARIUS FILII DEI*. Ni imvugo y'ururatini isobanurwa ngo:


*"UMUSIMB[illegible]* [illegible] *ukwigereranya n'Imana*. Ni izina rihesheje Papa neza, ariko ha[illegible]imo ikibi. Ariko iyo rishyizwe mu mibare icyubahiro. Nta [illegible]varikekeramo ikibi. Ariko iyo rishyizwe mu mibare [illegible]ibyara umubare mubi wahanuwe ko uzatera akaga [illegible]'ikiromani nibwo [illegible]papa buhuriyeho na satani "666".
[illegible]fashwe n'ubupapa buwuhishamo izina [illegible]mubare niwo wa[illegible]wari usanzwe ari umubare w'ubwiru ry'ububasha bwabwo: kandi [illegible]bare w'ubwiru bw'umuyobozi wa bwa satani. none wabaye n'umu[illegible]da gutanga ubusobanuro butari Kiliziya Gatolika. Abagatolika bakun[illegible]da gutanga ubusobanuro butari ubw'ukuri: wenda bajijisha abantu. Bavuga ko iyo nyamaswa ivugwa ari umwami w'abami *NERON*. Ibyo sibyo rero, kuko *NERON* yabayeho ariko arapfa, ntazongera kubaho. Ariko inyamaswa ivugwa mu Byahishuwe 13, yaku[illegible]eretse uruguma rwica, ntiyapfa burundu, ahubwo uruguma [illegible]rwaje [illegible]ukira, nyuma iyo nyamaswa yong[illegible]a gu[illegible]irana ububasha bwayo nka mbere. Ubupapa nibwo bwuzuza ibihanurwa. Izina ry'ububasha bwabwo rishyitsa neza umubare "666".




"NDI INYAMASWA-MUNTU!"


Ngaho tubare duhereye kuri iryo zina rya Papa (riri ku ikamba rye):

| VICARIUS | FILII | DEI | |
|---|---|---|---|
| V= 5 | F= 0 | D= 500 | kubyongeranya byose: |
| I= 1 | I= 1 | E= 0 | VICARIUS = 112 |
| C= 100 | L= 50 | I= 1 | FILII = 53 |
| A= 0 | I= 1 | 501 | DEI = 501 |
| R= 0 | I= 1 | | 666 |
| I= 1 | 53 | | |
| U= 5 | | | |
| S= 0 | | | |
| 112 | | | |




Reka ntange n'ikindi cyitegererezo duhereye ku rugiriki. Abagiriki bitaga Papa *LATEINOS* (=umunyalatini). Agaciro k'iryo zina dukurikije gahunda y'inyuguti z'urugiriki ni aka:

L= 30
A= 1
T= 300
E= 5
I= 10
N= 50
O= 70
S= 200
666






Uwo mubare, 666; wahozeho ari ikimenyetso cy'ubwiru bw'idini y'abapagani b'I Roma uhereye kera cyane. Abatambyi babo bambaraga impigi zitwaga *ibimenyetso by'izina*. Zameraga nk'imidari abagatorika bambara; iruhande rumwe hari ishusho y'izahabu n'aya magambo ngo *"ubwenge bw'izuba"*.

Ku ruhande rwa kabiri hari iyi mibare y'ubwiru bwabo:

*UBWENGE BW'IZUBA*

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 6 | 32 | 3 | 34 | 35 | 1 | =111 + |
| 7 | 11 | 27 | 28 | 8 | 30 | =111 + |
| 19 | 14 | 16 | 15 | 23 | 24 | =111 + |
| 18 | 20 | 22 | 21 | 17 | 13 | =111 + |
| 25 | 29 | 10 | 9 | 26 | 12 | =111 + |
| 36 | 5 | 33 | 4 | 2 | 31 | =111 |
| 111 + | 111 + | 111 + | 111 + | 111 + | 111 | =666 |

Igitangaza cy'iyo mibare nuko niwongeranya umurongo wose, ari imirongo itambitse cyangwa imirongo ishinze, cyangwa wahera ku mfuruka imwe ukageza ku yindi wasanga ko umubumbe ari 111; ubwo hari imirongo itandatu, umubumbe w'iyo mibare yose hamwe ni 666; biragaragara rwose yuko 666 ari umubare i Roma yihariye, uhereye mu gihe cy'ubutegetsi bwaho bwa gipagani, ukageza ku butegetsi bwabo bwa gipapa. Uyu mubare "666" ni umubare w'*UBUPAPA* wakomotse mu Bapagani nk'uko twabibonye. Nicyo gituma Imana yakomeje kuwutunga agatoki mu Byahishuwe 13; ivuga ko ari umubare mubi uzateza abantu akaga, kuri buri wese uzemera kuramya inyamaswa iwufiteho ikimenyetso cyayo. Soma ibyahishuwe 14:9-11.

**ESE DUHISHE UKURI?**

Iyo tuvuga inyamaswa ivugwa aha, ko ari "*UBUPAPA*" ntabwo tuba dushaka gusebanya, ahubwo niko ubuhanuzi bubihamya. Ubisoma, abizirikane cyane.

*INYAMASWA IVA MU BUTAKA: LETA ZUNZE UBUMWE ZA AMERIKA*

Yohana yari amaze kwerekwa inyamaswa iva mu nyanja, yabonye indi izamuka iva butaka. Tumaze kubona yuko inyamaswa ya mbere igereranya ubutegetsi bw'i Roma uhereye mu gihe cya ba Kayisari bikakarizaga kwishyira mu mwanya w'Imana, kugeza mu gihe cy'abapapa. Ubwo bwami bwadutse mu nyanja koko, kuko i Roma ari mu Buraya haba abantu benshi cyane. Mbese aho hantu ni hehe? Ntabwo ari mu Burayi cyangwa muri Asia, ahubwo ni hakurya y'inyanja ya Atlantika mu gihugu gishya cy'Amerika y'ikasikasi. Kubw'akarengane k'Abagatolika, Abaporotesitanti babanje kwambuka iyo nyanja muwa 1620 A.D, bahungira muri Amerika y'ikasikasi. Muwa 1777 A.D bari bamaze kwemeranya amategeko yari ashingiye ku mategeko yabo y'iremezo. Ayo mategeko yari ashingiye ku magambo abiri y'imena ngo: *UBUPOROTESITANTI N'UBUREPUBULIKA*. Bari bamaze kwanga ko Papa aba mu itorero, cyangwa ko umwami aba mu gihugu.

- ***Yavuye mu butaka***: bigereranya ***igihugu gishya cya Amerika***
- ***Amahembe abiri nk'ay'umwana w'intama***:
  - Agereranya amagambo 2 y'imena yo mu mategeko-nshinga y'Abanyamerika; uko ari ***UBUPOROTESITANTI n'UBUREPUBULIKA***;
  - Nk'uko intama itagira amahane (nkanswe umwana wayo), niko n'ubutegetsi bwabo bwari ubw'ubunyamahoro cyane bushingiye kuri Biblia. Indi mico yose ivugwa kuri iyo nyamaswa ntirasohora.
- ***Kuvuga nk'ikiyoka***: ***ni ukuvuga nka Satani.*** Nukuvuga ko Amerika izagira igihe izategekana ubukana n'inabi; ihatira abantu ugukora ibyangwa n'Imana.
- ***Gutegekesha ububasha bwose bwa ya nyamaswa ya mbere*** : ibyahishuwe 13:12,14.
  - Abanyamerika bazarwanya itorero ry'ukuri nka ya nyamaswa ya mbere; (ibyah.13:7)



- Bazahatira abantu bose gukeza umupapa w'i Roma.
- Izakora ibimenyetso bikomeye byo gutinyisha abantu no kubayobya. Imanure umuriro uva mu ijuru. Bishoboka ko ibyo bisesereza kuri za bombes atomiques zituruka mu kirere, umuriro ukamanukira abantu;
- Izahatira abantu kuramya igishushanyo cya ya nyamaswa ya mbere.

***Iby'igishushanyo cy'inyamaswa ya mbere: ibyah.13:14.***

Mbese igishushanyo cy'inyamaswa ni iki? Uko bisanzwe, igishushanyo ni ikintu gisa n'ikindi nyir'izina; nk'ifoto y'umuntu isa na we ku ishusho, nyamara itari we bwite. Muri ubwo buhanuzi, igishushanyo cy'inyamaswa kigereranya *ubugambanyi* bw'amadini Atari amwe bashaka *kwiyunga* n'abagatolika, *bakigira* nkabo, bakagenza nkabo, bakizera nkabo, *bakishushanya* na bo. Yohana yeretswe ko abamaraika b'i Kasikazi bazaba amendeze yo guhuza ubwo bumwe n'Abanyamerika bameneshejwe n'abagatolika; ko bashingiye amategeko yabo y'iremezo kuri iri jambo ngo: *UBUPOROTESITANTI*, bakanga ko umugatolika atorerwa kuba Perezida wabo! Ngo nibo noneho bazabanza guhereza abagatolika ukuboko ngo bahuze ubumwe; bazaramburira abagatolika amaboko hejuru y'umworera ubatandukanya ngo bahuze. Ibyo ni bimara gusohora, nibwo bazagera ikirenge mu cy' i Roma bahata no kurenganya abazanga gufatanya nabo". *Intambara ikomeye, p.588.*

*Twahoze tuyoberwa uburyo ubwo buhanuzi bwasohora, kuko abagatolika n'abaporotesitanti baziranaga, ariko muri iyi minsi tumaze kubona ibimenyimenyi bya mbere bitwemeza ko bizasohora:*

- Za nama za Ekimenusime (Eucumenisme) niko zahanzwe na Papa Yohana XXIII zabereye kugarurira muri Kiliziya "*Intama zazimiye*" zo mu yandi madini. Bati: "*bakwiriye kwemera inyigisho zacu*"
- Ubwa mbere abatasi b'andi madini bararikwaga kuza muri izo nama ariko ntibakundirwaga kuvuga. Muri iyi minsi ya vuba Papa ubwe yemeye kujya mu iteraniro ry'abaporotesitanti, *bakamubwiriza!*
- Abakuru bo mu bihugu bya giporotesitanti benshi bamaze gukubita ingendo ndende bajya gusura Papa:

Nk'Umwepiskopi mukuru w'ubwongereza n'Umwamikazi waho;

- Abagatolika bagize nk'abicisha bugufi. Muri izo nama za Ekumenusime niho bavugiye iri jambo ngo: "mwa baporotesitanti mwe, tubasabye imbabazi z'ibyo twakoze bidakwiriye. Mutyo twunge ubumwe". Ariko muri uko kurarika ko kunga ubumwe ntibemera kureka inyigisho zabo zayobye; ntibemera kuva ku izima ryabo.

Papa ajya mu Buhindi yavuze ko Kiliziya ishaka icyayihuza n'abantu bose b'iki gihe". Mu isi yose abaporotesitanti nabo barashishikarira gufatana urunana n'abagatolika. Abantu bo muri Amerika (Etats Unis) batangiye kubogamira ku bupapa cyane. Papa nawe arabikunze. Ubwo yaherukaga kujya muri Amerika, asura Perezida Johnson, Umukobwa wa Perezida Kennedy wazunguwe na Johnson yari umugatolika. Abanyamerika batangiye kurema cya gishushanyo. Nibamara guhuza imigambi n'inyigisho rwose n'abagatolika, nibwo Abanyamerika bazasohoza ibyahishuwe 13:1-15.

*GAHUNDA YO GUHINDURA AMATEGEKO CUMI Y'IMANA YATANGIRIYE MURI AMERIKA MU NTARA YA ALAMA/USA*

Mwumvise ko muri Amerika umucamanza mukuru witwa Mole yategetse ko bakura ***urwibutso rwanditsweho amategeko cumi y'Imana***, rufite uburemere bwa toni 2 rwari mu nyubako nkuru y'ubutegetsi rukimurirwa mu yindi nyubako iciriritse kuko rutakijyanye n'igihe. Abashyigikiye uwo mucamanza bavuga ko ari intsinzi y'ubwigenge bw'amadini yandi atagendera kuri ayo mabwiriza cumi y'Imana. Byatangaje abategetsi benshi, ariko nubwo babirwanije cyane, ku itariki ya 1/09/2003, uwo mucamanza yategetse ko urwo ***rwibutso*** rwimurwa, kuko hari abo rubangamiye.

**ABANTU BO MU MINSI Y'IMPERUKA, BAFITE AMASO, ARIKO NTIBABONA !**
**ABANTU BO MU MINSI Y'IMPERUKA, BAFITE AMATWI, ARIKO NTIBUMVA!**

Le 7ème JOUR **ISABATO :**

**IKIMENYETSO CY'UBUTEGE-TSI, BW'IMANA**

Le 1er JOUR **ICYUMWERU**

**IKIMENYETSO CY'UBUTEGE-TSI, BW'INYA-MASWA.**

*GUHEREREKANYA UBUBASHA*
*(IKIYOKA N'INYAMASWA YA MBERE-UBUPAPA)*



*« Cya kiyoka kiyiha imbaraga zacyo n'Intebe yacyo y'ubw, n'ubutware bukomeye »Ibyahishuwe 13 :2.*

*GUHEREREKANYA UBUBASHA*

IKIMENYETSO
CY'INYAMASWA



## Le 1er jour = *ICYUMWERU : IKIMENYETSO CY'UBUTEGETSI BW'INYAMASWA*

***Ikimenyetso cy'inyamaswa icyo ari cyo: ibyah.13:16-18.***


- Twasanze ko "**666**" ari umubare w'izina ry'iyo nyamaswa, kandi izina ry'umuntu nicyo kimenyetso cye. Uwo mubare (666) twasanze ko wakomotse ku bapagani b'i Roma ba kera cyane basengaga izuba, bakariharira umunsi wa mbere buri cyumweru, bakawita ***SUN-DAY***. Byongeye kandi twasanze yuko mu minsi y'imperuka yegereje imperuka cyane, abantu bazapfa isabato na dimanche. Kubw'ibyo, isabato izaba ibendera ry'Imana muri icyo gihe. Abazemera gukurikiza ukuri bazareka kuziririza dimanche, baruhuke isabato.
- Nibwo abagatolika n'abazaba bahuje ubumwe nabo bazarenganya abadakomeza umunsi wabo, ariwo kimenyetso cyabo. Bisa n'aho bazashyira amasoko makuru ku munsi w'isabato, bashaka inzira zose babuza abadiventiste. Kugura no kugurisha keretse bakiriye ikimenyetso cy'inyamaswa. Aha niho kwihangana kw'abera kuri. *Ibyah.14:12.*

## *ICYITONDERWA*

« Nta n'umwe urashyirwaho ikimenyetso cy'inyamaswa igihe cyo kugeragezwa ntikiragera. Mu itorero (idini) ryose harimo abakristo nyakuri, no mu bagatolika b'i Roma barimo. Nta na rimwe ricirwaho iteka kugeza ubwo ayo matorero azabona agahato ngo baruhuke isabato y'ibihimbano, ubwo nibwo ijwi rya Maraika wa gatatu rizarangurura riburira abantu basenga inyamaswa n'igishushanyo cyayo, hagati y'ukuri n'ibinyoma hazanyura umusitari ugaragara. Ubwo nibwo abakomeza kwica itegeko ry'Imana bazashyirwaho ikimenyetso cya ya nyamaswa ». *Evangelism, p.234.*

Itegeko rya kane rigaragara muri aya magambo « Uwiteka yaremye ijuru n'isi, n'inyanja n'ibirimo byose ». Izina rye ni Uwiteka, icyubahiro cy'ubutegetsi bwe, yararemye (n'Umuremyi), ubwami bwe bukwiriye hose, buri mu ijuru no mu isi, bwavuzwe hose. Nuko rero itegeko rya kane ririmo ikimenyetso cy'Imana ihoraho. Niryo tegeko rimenyekanisha Imana Rurema yayatanze.

AMATEGEKO CUMI Y'IMANA AGOMBA KWITONDERWA YOSE



SATANI YANGA CYANE AMATEGEKO Y'IMANA

SATANI AZI IMPAMVU ZIMUTERA KURWANYA AMATEGEKO Y'IMANA !



***MWITONDE HARI UBUNYERERI BUGIYE GUHITANA BENSHI***

***Dore uko ubuhanuzi bubiduhishurira:***

«Igikorwa gishyigikira ikiruhuko cya Dimanche (Icyumweru) kirakorera urugendo rwacyo mu mwijima. Ababifitemo uruhare bose barahisha umugambi nyakuri wacyo, ku buryo abifatanya nabo batabona aho kigusha. Ibiteganijwe byacyo byose byambitswe ishúsho ya gikristo; ariko ubwo kizagaragaza uko giteye mu mvugo yacyo ku munsi kizahishurwa ukomeye, imvugo yacyo izagaragara neza ko ari iya Satani». *Intambara ikomeye p. 180.*

«Hari amakimbirane hagati y'amabwiriza y'Imana n'ay'inyamaswa. Ikiruhuko cy'umunsi w'icyumweru ni itegeko ryashyizweho n'Ubupapa ku buryo bunyuranye rwose n'itegeko rya kane (Wibuke kweza umunsi w' Isabato.... Ariko inyamaswa y'amahembe abiri yamaze kuryigarurira kugira ngo igerageze abantu. Umuburo uteye ubwoba uvuye ku Mana, uciraho iteka umuntu wese uramya inyamaswa n'igishushanyo cyayo (*Ibyahishuwe 14:9-11*), ko azanywa ku nzoga niyo mujinya w'Imana, yateguwe idafunguwemo amazi mu gacuma k'umujinya wayo ». *Ibihamya vol.1, p. 88.*

«Abubahiriza umunsi w'ikiruhuko w'Uwiteka bazafatwa nk'abanzi b'amategeko n'umutekano, nk'abasuzugura amategeko mboneza-mubano, nk'abateza umuvurungano n'ubuyobe, kandi ko aribo ntandaro y'ibihano by'Imana. Ukutarenga ku byo bemera kwabo, bizatuma bafatwa nk'ibyigomeke; maze bazabarega ko batitaye kandi ko basuzuguye Leta. Ababwiriza bahamya ko amategeko y'Imana yahindutse bazatera hejuru bari ku ruhimbi bigisha, bemeze ko kumvira ubutegetsi bwa Leta ari ngombwa: kuko bwashyizweho n'Imana. Haba mu manama Nshinga-mategeko, cyangwa se mu Nkiko, bazagereka ku bakomeza amategeko y'Imana ibyo batakoze, kandi kugira ngo babarenganye batsindwe, amagambo y'abo bizera bazayagoreka». *Ibihamya, (TS) p. 641.*

«Igihe umunsi w'ikiruhuko uzaba ishingiro ry'ikibazo giteye intugunda mu bukristo, kandi ubwo ubutegetsi bwa Leta n'ubwa Kiliziya bizaba byamaze guhuriza hamwe ingufu zabyo kugira ngo bihatire abo ku isi yose gukomeza umunsi wa Dimanche (icyumweru.

Kwiyemeza kutumvira amabwiriza agenga abantu bose kw'abantu bake b'abizera, kuzatuma bangwa n'isi yose. Bazemeza ko badashobora kwihanganira abo bantu bake badashaka kwemera amategeko ya Kiliziya hamwe n'itegeko rya Leta. Bazemeza ko ibyiza ar'uko bakurwaho amaboko, aho guheza amahanga yose mu muvurungano no mu rujijo». *Ibihamya (TS) p. 667.*

«Ayo makimbirane azagera hose mu turere dushya aho abantu benshi bazaba bibaza ku byerekeye amategeko y'Imana yasirabanzwe. Satani azakora ku buryo imbaraga y'ubutumwa izakangura uburakari bw'abayirwanya. Abapasitoro bazakoresha imbaraga zirenze iza kimuntu, kugira ngo babuze uwo mucyo kugera kubo bayobora. Bazakora uko bashoboye kose kugira ngo bagerageze kubazanya ibishingiye kuri ibyo bibazo by'ingenzi. Itegeko ry'icyumweru nirimara gushyirwaho, Itorero rizitabaza amaboko y'ubutegetsi bwa Leta, Abagatolika n'Abaprotestanti bose bazashyira hamwe. Ku ngufu z'amategeko y'abantu, abakomeza amategeko y'Imana bose bazacibwa ibihano kandi bafungwe. Bamwe muri bo bazabashukisha imyanya myiza, imibereho myiza, impano, hamwe n'ibindi bintu bibazanira inyungu». *Ibihamya (TS) p. 659.*

«Abantu bazemera kandi bashyigikire ku mugaragaro amategeko arwanya imbona-nkubone amategeko y'Imana. Bazungikanya imbaraga zabo, kugira ngo bashyire mu bikorwa amategeko yabo bwite, birengagize Ijambo ry'Imana. Kugira ngo bahimbaze umunsi w'Ikiruhuko w'ibinyoma, bazahatira abandi bose gusuzugura amategeko y'Imana, agaragaza imico yayo». *Ibihamya, (TS) p. 466.*

«Satani avuga ati: bityo isi yose izaba iyanjye; nzaba umukuru w'isi, umutware wayo. Nzagira uruhare ku mitima ku buryo Isabato izahinduka ingingo isuzuguritse byihariye. Ikimenyetso ! Nzatuma gukomeza umunsi wa karindwi biba ikimenyetso cyo gusuzugura ubutegetsi bw'isi. Amategeko y'abantu azaba aremereye ku buryo abantu batazagerageza gukomeza Isabato, kugira ngo badafungirwa ibo kurya n'imyambaro. Abizera baziyunga n'ab'isi mu kwica amategeko y'Imana. Isi yose izaba munsi y'ubutware bwanjye». *Abahunuzi n'Abami, p. 138.*

«Amategeko y'abantu kuyasimbuza amategeko y'Imana, guhimbaza umunsi wa Dimanche mu cyimbo cy'Isabato ya Biblia hakoreshejwe



itegeko ryoroshye ryashyizweho n'umuntu, ni igikorwa giheruka cy'intambara ikomeye. Igihe iryo simbura rizaba rimaze gukwira ku isi yose, Imana izigaragaza. Izahaguruka mu cyubahiro cyayo giteye ubwoba, kugira ngo ihindishe isi imishyitsi. Izasohoka mu buturo bwayo kugira ngo ihane abaturage b'isi, kubera ibyaha byabo.»

«Satani yifashisha abantu kugira ngo arangize umurimo we. Abagerageza guhindura amategeko y'Imana, maze bagacengezamo itegeko rihatira abantu gukomeza umunsi wa Dimanche (icyumweru) ntibarakamenya neza ingaruka z'ibikorwa byabo. Turagenda dusanga akaga». *Ibihamya, Vol. 2, p. 409.*

«Uyu munsi Itorero ry'i Roma ryigaragaza imbere y'ab'isi risa n'irifite umwuka wo gukiranuka n'ubwitonzi; maze rigatwikira inyandiko zivuga iby'ubugome bwaryo ryiseguye. Nyamara kandi ntabwo ryahindutse, nubwo ryambaye ikanzu y'ubukristo. Amabwiriza yose ubupapa bwigishije kera yose aracyari ayabwo na bugingo n'ubu. Buracyizigamiye amahame bwahimbye mu binyejana byarushije ibindi kuba iby'umwijima w'icuraburindi. Ntihakagire uwibeshya. Ubupapa Abaprotestanti bashebekera guhesha icyubahiro muri iki gihe, buracyari bwa bundi bwifatanije n'isi yose mu minsi ya kera y'ubugorozi, ubwo abantu b'Imana bashyiraga ku mugaragaro ibicumuro byabwo, biteguye kwicwa». *(TS) p. 619.*

«Ubu Abaprotestanti barimo bararambura ukuboko hejuru y'umworera kugira ngo bafatane mu kiganza n'ubupapa, kandi ishyirahamwe ryabo ririmo rirakorwa ryo gusiribanga Isabato y'Itegeko rya kane, ngo rikurweho burundu. Inkozi y'ibibi yashyizeho Isabato y'impimbano ikorewemo na Satani mu bupapa, azahimbazwa kugeza n'aho azafata umwanya w'Imana. » *AMCC 1892.*

«Nta narimwe Kiliziya izareka kwibwira kwayo k'uko itigeze iyoba. Ibyo yakoreye abangaga kwemera amabwiriza yayo bose, yabifashe nk'ibyemerwa n'amategeko. Mbese ubu ntiyakora nka byo iramutse ibonye umwanya ? Reka gato amabwiriza ihabwa n'ubutegetsi bw'igihugu aveho, maze Roma yongere gusubirana ububasha bwayo bwa cyera, nibwo abantu batazatinda kubona ko umwuka wayo wo kutihangana no kurenganya wongere gukongezwa». *(TS) p. 612.*

«Ni byiza kwibuka ko Roma yihimbariza ko itajya ihinduka. Amahame ya Papa Gregori wa 7 n'aya Papa Inosenti wa 3, aracyari

aya Kiliziya kugeza n'uyu munsi. Iyaba Kiliziya ibifitiye ububasha, yayakoresheje ku buryo bukaze kuruta mu binyejana byashize. Ntacyo Abaprotstanti bikeka igihe bemera gufatanya na Roma mu gushyigikira gukomeza icyumweru. Mu gihe Abaprotestanti bagamije gusa gusohoza umugambi wabo, Roma yo nta kindi itumbiriye kitari ukongera gusubirana ububasha bwayo bw'ikirenga yambuwe.
Niba Leta Zunze Ubumwe z'Amerika zishyize mu bikorwa amahame avga ko Itorero rishobora gukoresha ububasha bwa Leta, muri make mbese bagaha itorero na Leta uburenganzira bwo kubuza abantu kwihitiramo, nibwo kunesha kwa Roma muri icyo gihugu kuzaba gushimangiwe rwose». *(TS) p. 629-630.*

«Kiliziya Gatolika y'i Roma hamwe n'andi madini ayibumbiyeho yo ku isi, birakora gahunda ndende, igamije kurengera inyungu z'intebe ya Papa, ariwe muyobozi wayo w'ikirenga. Mu bihugu byose byo ku isi, za miliyoni z'abantu be bakorana, bahabwa itegeko ry'ubudahemuka kuri Papa. Uko ubwenegihugu bwabo bwaba buri, cyangwa se ubutegetsi bw'ibihugu bahagarariye, kuri bo itegeko rya Papa niryo rihabwa umwanya wa mbere, kuruta andi mategeko yose. Bashobora kurahira indahiro yo kudahemukira Leta, nyamara mu gihe havutse amakimbirane, indahiro yabo yo kudahemukira Roma ibemerera kuba basuzugura indi nshingano iy'ariyo yose basezeranye.» *(TS) p. 629.*

«Ubuhanga n'uburiganya bwa Kiliziya y'i Roma buratangaje. Ifite impano yo kugenzura ibihe bizaza. Iyo mbona amatorero y'Abaprotestanti ayihesha icyubahiro, yemera umunsi wayo w'ikiruhuko n'ukuntu ayo matorero yitegura kuzamushyiraho ku gahato, hakoreshejwe uburyo bwayo bwite Roma yakoresheje mu bihe byashize, ishobora gutegereza isaha yayo yiceceekeye. Abantu bahinyura umucyo w'ukuri, bazafatanya n'ububasha bwiyitirira ko budashobora kwibeshya, kugira ngo bashyigikire itegeko bwite rya Kiliziya y'i Roma yashyizeho. Ntibyoroshye kwiyumvisha umuhati ukomeye izitabirana gukora ibyo. Roma izatizwa umurindi n'abaprotestanti. Mbese siyo izi neza uko abigomeka ku mategeko ya Kiliziya bakwiriye kugenzwa kuruta abandi bayobozi babatera inkunga muri urwo rugaga ?» *Ibihamya, (TS) p. 628.*



«Nta handi ubupapa bushobora kwisumbukuruza ku Mana hatari mu kugerageza guhindura amategeko yayo, kuko abazemera gukurikiza amategeko yahinduwe babizi, bazaba bahaye icyubahiro cy'ikirenga uwayahinduye. Icyo gikorwa cyo kumvira amategeko ya Papa kizaba ari ikimenyetso cyo kumvira kurunduriwe Papa mu cyimbo cy'Imana.» *Ibihamya, (TS) p. 483.*

«Gukomeza icyumweru kuzashyirwaho n'amatorero y'abaprotestanti, guhwanye rwose n'agahato ko kuramya ubupapa cyangwa se inyamaswa. Nanone kandi, guhatira abantu gukora igikorwa cy'idini ku ngufu binyuze mu bubasha bwa Leta, amatorero nibwo aba arema igishushanyo cy'inyamaswa. Ikizakurikiraho nuko igihugu cyose kizakoresha ku ngufu kuramya inyamaswa n'igishushanyo cyayo.» *(TS) p.486.*

«Ikibazo cy'umunsi w'ikiruhuko, ingingo y'ukuri yahinyuwe byihariye kizahinduka ibuye rinini risitaza ryo kumvira. Igihe abantu bazageragezwa n'icyo kigeragezo giheruka, umurongo ugaragara w'urudubi rutandukanya abantu n'abandi, uzashyirwa hagati y'abakorera Imana n'abatayikorera. Mu ruhande rumwe gukomeza umunsi w'ikiruhuko w'ibinyoma uko itegeko rya Leta ribitegeka, bizaba ar'ukwemera kuyoborwa n'ubutegetsi burwanya Imana ; kandi nanone ku rundi ruhande, gukomeza amategeko y'Imana uko ameze, kizaba ari igihamya cyo kumvira Imana. Mu gihe bamwe bazaba bemera kwakira ikimenyetso cy'ubutegetsi bw'isi bazafata ikimenyetso cy'inyamaswa, abandi bazahitamo ikimenyetso cyo kumvira bw'Imana bashyirweho ikimenyetso cyayo». *(TS) p. 657.*

«Abashinga-mategeko bazageza ubwo bazasaba ishyirwaho ry'itegeko rya Dimanche mu rwego rwo kugira ngo barengere inyungu zabo no kwikubira ububasha bwose. Abatinya Imana ntibazashobora kwemera itegeko rikuraho rimwe mu mahame agize amategeko cumi y'Imana.» *Ibihamya, vol.5, p.451.*

«Nikoko abakristo bo mu bisekuruza bya cyera bakomezaga Dimanche badashidikanya ko ariwo munsi w'ikiruhuko uvugwa na Biblia. Kandi kugeza n'ubu mu madini yose, ndetse na Kiliziya Gatolika y'i Roma, haracyarimo abakristo nyakuri bizera bataryarya, ko Dimanche ari itegeko ryatanzwe n'Imana. Imana yemera umutima

utaryarya no kumvira ibyo bizera kwabo. Ariko ubwo gukomeza Dimanche bizemezwa n'itegeko; maze ab'isi bakabona umucyo nyakuri w'ikiruhuko (Isabato), icyo gihe uzahimbaza Roma mu cyimbo cyo guhimbaza Imana, akihitiramo kuramya inyamaswa mu cyimbo cyo kuramya Imana, agafata ikimenyetso cy'ubutegetsi bw'inyamaswa mu cyimbo cy'ubutegetsi bw'Imana, kandi akumvira amategeko y'Imana Yehova, uwo azafata ikimenyetso cy'inyamaswa.» *(TS) p. 486.*

«Uzanga kubyemera wese azahanishwa ibihano bya Leta, kandi amaherezo acirwe urwo gupfa. Mu rundi ruhande amategeko y'Imana ni Isabato irimo, umunsi w'ikiruhuko cy'umuremyi usaba ko witonderwa, kandi umujinya w'Imana uzaba ku batayumvira bose, abanyuranya n'amabwiriza y'amategeko y'Imana kugira ngo hubahwe ay'umuntu, bizahwana no kwakira ikimenyetso cy'inyamaswa. Ibyo bizaba ari ukumvira ubundi butegetsi butari ubw'Imana. *Ibihamya, (T.S.) P. 657.*

«Ababi bazigaragaza bakoresheje imbaraga zabo zose kugira ngo bahirike urwibutso rw'Umuremyi, maze bashyigikire itegeko ry'i Roma, mu cyimbo cy'Isabato. Muri iyo ntambara, ubukristo buzagabanyamo ibyiciro binini: kimwe kizaba gikomeza amategeko y'Imana no kwizera kwa Yesu, ikindi kizaba kiramya inyamaswa n'igishushanyo cyayo, kandi kizakira ikimenyetso cyayo. Nubwo Itorero hamwe na Leta bizakomatanya imbaraga zabyo kugira ngo bihatire abantu: aboroheje n'abakomeye, abakire n'abakene, ab'imbata n'ab'umudendezo, kwakira ikimenyetso cy'inyamaswa, ubwoko bw'Imana ntibuzagamburura.». *Ibihamya, Vol.3, P. 341.*

«Kurwanya abantu beza kwa Satani kuzagaragaza ni ruto ni ruto, bigenda byiyongera imbaraga, kugeza ubwo bizakaza umurego mu murimo we uheruka w'ubugome. Ubugingo bwose butiyeguriye Imana by'ukuri, kandi butarinzwe n'ububasha bw'Imana, buzifatanya na Satani, burwanye ijuru, kugira ngo byiyungire kurwanya umugenga wa byose.» *Ibihamya, (T.S) p. 465.*

«Intambara yo kurwaya amategeko y'Imana yatangiriye mu ijuru, kandi izakomeza kugeza ku mperuka y'ibihe. Umuntu wese agomba gushyirwa ku gipimo. Kumvira cyangwa gusuzugura: ngibyo ibintu bibiri bishyirwa imbere y'ab'isi. Abantu bose bazasabwa guhitamo



hagati y'amategeko y'Imana n'amategeko y'abantu. Icyo nicyo kizashyiraho umurongo w'urubibi. Hazaba ibyiciro bibiri by'abantu. Buri muntu agomba kugira icyiciro abonekamo muri ibyo byombi, kandi abantu bose bagomba kuzerekana niba bari mu murongo w'abumvira, cyangwa se abigometse. Ubwo nibwo imperuka izaherako ize.» *Uwifuzwa ibihe byose, p.409.*

«Ubwo gusuzugurwa gukomoka ku kumvira Imana n'amategeko yayo kuzatuma benshi bahisha ukuri, ndetse ntibagaragaze icyubahiro gikwiriye umuremyi, abizera bafite ugushikama kurenze ukwabayeho mu bihe byose, bazazamura hejuru ibendera by'ukuri.» *Ubutumwa bwatoranijwe, vol. 2, P.369.*

## *ITEGEKO RYA DIMANCHE NIRITANGAZWA, TUZABYIFATAMO DUTE?*

***Reka Elina G.White atugire inama:***

«Bene Data murambaza icyo mwari mukwiriye gukora ubwo amategeko y'icyumweru azaba ashyizwe mu bikorwa. Ngiye kugerageza gusubiza nkurikije umucyo Imana yamurikiye ubwo twari dutegereje akaga gahwanya n'akabegereye. Ubwo ab'isi bazaba basunikwa n'imbaraga y'ikuzimu, bashaka guhatira abantu gukomeza Dimanche, Abadventiste b'Umunsi wa Karindwi bagomba kuzakorana ubwenge, bashyira ku ruhande imirimo yabo yose isanzwe kuri uwo munsi, kugira ngo bitangire umurimo w'ibwiriza butumwa. Nta kindi; guhinyura amategeko y'icyumweru kuzabyara kitari akarengane k'abashega bagerageza kwicisha abatayakurikiza. Ntimukabahe umwanya wo kubarega kwica amategeko. Igihe bazaba bahugiye gusa ku bantu badatinya: yaba Imana, baba abantu, bazacika intege vuba, kandi bazasobanukirwa ko nta kuri nta n'inyungu kuribo biri mu kutavuguruzwa ku ngingo yo gukomeza Dimanche. Mukomeze gukora umurimo wo kubwiriza ubutumwa. Biblia iri mu ntoke, bityo umubisha azabona ko arwanya umurimo we aho kuwushyigikira. Ntabwo umuntu yakira ikimenyetso cy'inyamaswa yirinda mu bwenge kwishora mu murimo uhungabanya amahoro, kugira ngo yitangire umurimo urusha iyindi kuba ingirakamaro.» *Ibihamya, Vol.3, P.470,469.*

«Reka abigisha bo mu mashuri yacu baharire Dimanche ingendo z'ibwirizabutumwa. Neretswe ko izo ngendo zizakoma mu nkokora imigambi y'umubi. Reka abarimu n'abanyeshuri bagirane amateraniro n'abatazi ukuri; bizababera ingirakamaro kuruta ubundi buryo». *Ibihamya, Vol. 3, p. 470.*

«Ndababwira nti: mukoreshe umunsi w'icyumweru umurimo wo kubwiriza ubutumwa. Reka abarimu baherekejwe n'abanyeshuri babo bajye mu misozi ihereréye, maze basure abantu bahatuye». *Ibihamya, vol.3 P. 475.*

**Ubwisanzure bw'Amadini bugiye gusuzumwa busubirwemo *buhabwe imipaka ntarengwa. Hari ibyo abanyedini bazaba bemerewe kuvuga no kwigisha, hari n'ibyo bazaba batemerewe rwose. Ubivuze, abizire. Itorero rizagomba kugera ikirenge mu cya Leta, aho kukigera mu cya Yesu. Abagambanyi mu Itorero bazaba benshi ndetse n'abo tutakekaga. Ni mukore mugifite uburyo. Ni mushake Imana bigishoboka ko ibonwa.*** *Yesaya 55 :6.*

«Inshingano yawe ntabwo izakorwa n'undi utari wowe nyine. Nta wundi utari wowe ugomba gukora umurimo wawe, nutamurika urumuri rukurimo, hari undi muntu uzahera mu mwijima bitewe nawe, iryo riraba ari ikosa ryawe.» *Ibihamya 464.*

*MURABE MASO : UBUNYERERE KU MATEGEKO Y'IMANA BUGIYE KUNYEREZA BENSHI:*
***« Bahora biga ariko ntabwo babasha kugira ubwo bamenya ukuri. »***
*2 Tim. 3 :7*

*SATANI ATI : BIHORERE MBANYEREZE*

Kandi nk'uko Satani yategeye Adamu na Eva ku giti kimenyekanisha icyiza n'ikibi, niko ubu ategeye abantu bose ku *MATEGEKO Y'IMANA* ; cyane cyane ku itegeko rya kane. *Kuva 20 :8-11.* Yakoze uko ashoboye kose atuma abantu bataryitaho nk'ayandi icyenda asigaye. Iryo rero niryo rigiye kubakoraho mu gihe kiri imbere aha. Isabato n'Icyumweru bigiye gusekurana ! Satani arateze nk'intare ihiga, iteguye guhitana abazasuzugura itegeko ry'*ICYUMWERU.*

*REKA TWIBAZE KU BY'ISABATO N'ICYUMWERU :*

- Mbese Isabato ni itegeko ry'Imana ? Yee. Ni itegeko rya kane mu mategeko y'Imana.
- None se, Icyumweru nacyo ni itegeko ry'Imana? Oya da! Ahubwo ni itegeko rya kabiri rya Kiliziya Gatolika: «Urajye uza mu Misa ku Cyumweru.. »
- None se, kuki Icyumweru cyinjijwe mu mategeko cumi y'Imana adahinduka ngo ahindurwe, kandi kikaba cyaritabiriwe na benshi: Kuki basenga Imana bavuguruza uko bishakiye? Imana yaravuze iti: Bansengera ubusa... *Matayo 15:9.* Ni umugambi wa Satani, kuvanga ukuri n'ibinyoma, no guhindura amategeko y'Imana nk'uko byahanuwe. *Danieli 7:25.* Akoresheje abihaye Imana nyine, nk'uko yanyuze mu Nzoka igihe cya Adamu na Eva.
- None se, ni nde wakoze iryo shyano? Ni Papa nyine, wihaye Imana. Niwe wihaye kuvuguruza Imana. Icyumweru ni icya Kiliziya Gatolika ihagarariwe na Papa.
- None se, ubwo yihaye Imana ate, kandi atera abandi kuyigomera? Abanzi b'umuntu bazaba abo mu rugo rwe. *Mat. 10 :36.* Bafite ishusho yo kwera, ariko bahakana imbaraga zako. *2 Tim. 3 :6.*
- Ko icyumweru ari icy'Abagatolika se, ni kuki andi madini y'Abaprotestanti menshi yayobotse icyumweru kandi ntaho bagisoma muri Biblia ? Koko icyumweru ni icy'Abagatolika, kandi koko Abaprotestanti benshi bayobotse icyumweru bataye itegeko ry'Imana rya kane ry'Isabato y'Imana. Nicyo gituma Ijambo ry'Imana rivuga ko ar'abahanuzi b'ibinyoma. Burya baramya ubuyobozi bukuru bwa Kiliziya Gatolika i Roma.
- None se, dukore iki? Nimusange amategeko y'Imana n'ibiyihamya ! *Yesaya 8:20.*

# ESE DUHISHE UKURI ?


SATANI AZI IMPAMVU ZIMUTERA KURWANYA AMATEGEKO Y'IMANA

# ISABATO

## AMATEGEKO CUMI Y'IMANA

**« Nimunkunda, muzitondora amategeko yanjye ». Yohana 14 :15**


***Dore itegeko rigiye kuzakora ku bantu ISABATO***



***ISABATO. NI IKIMENYETSO CY'UKO IMANA ITWEZA.***

***UFITE AMATWI YUMVA, NIYUMVE !***

**Ijambo ry'Imana rivuga ngo: *"Niba dukora ibyaha nkana, tumaze kumenya ukuri, ntihaba hagisigaye igitambo cy'ibyaha, keretse gutegerezanya ubwobagucirwaho iteka, no gutegereza umuriro w'inkazi,uzarya abanzi b'Imana" Abah. 10:26-27.***



*IBISATE BIBIRI BYANDITSEHO AMATEGEKO CUMI Y'IMANA*

*ABANTU BO MU MINSI Y'IMPERUKA,*
*BAFITE AMASO, ARIKO NTIBABONA !*
*ABANTU BO MU MINSI Y'IMPERUKA,*
*BAFITE AMATWI, ARIKO NTIBUMVA!*


*AMATEGEKO CUMI Y'IMANA AGOMBA KWITONDERWA RWOSE !*

*IRYO TEGEKO RYA KANE RIMURITSWEHO N'URUMURI RWO MU IJURU, NIRYO RIGIYE GUKORA KU BANYAMADINI BAMWE BANZE KURYITONDERA, NGO KUBERA KO AMADINI BAYOBOTSE ATARYEMERA NKA RIMWE MU MATEGEKO CUMI Y'IMANA, NUBWO BARISOMAMO (Kuva 20, 8-11) BANZE KURYITONDERA KUBERA INYUNGU ZABO.*
*MURI IYI MINSI Y'IMPERUKA, IMANA IRONGERA KURYIBUTSA ABANTU BOSE BATUYE ISI, KUGIRA NGO BARYITONDERE.*

*REBA UKUNTU ABO BANTU BARIHANZEHO AMASO BATANGAYE CYANE NK'ABATARIGEZE BARIBONA !*



# AMATEGEKO CUMI Y'IMANA




« Nimunkunda, muzitonder'amategeko yanjye. » Yohana 14 :15.

"Wibuke kweza umunsi w'isabato; mu minsi itandatu ujye ukora, abe ariyo ukoreramo imirimo yawe yose; ariko uwa karindwi niwo sabato y'Uwiteka Imana yawe. Ntukagire umurimo wose uwukoraho, wowe ubwawe, cyangwa umuhungu wawe, cyangwa umukobwa wawe, cyangwa umugaragu wawe, cyangwa umuja wawe, cyangwa itungo ryawe, cyangwa umunyamahanga wawe uri iwanyu; kuko iminsi itandatu ariyo Uwiteka yaremeyemo ijuru n'isi n'inyanja n'ibirimo byose, akaruhukira ku wa karindwi: nicyo cyatumye Uwiteka aha umugisha umunsi w'isabato, akaweza". *Kuva 20:8-11.*

"Uwumvira itegeko rya kane wese azabona ko hari urubibi rumutandukanya n'abandi badahuje. ***Isabato ni ikimenyetso cy'Imana,*** kiranga ukorera Imana n'utayikorera; kandi ni nayo ***izaba imbarutso y'amakimbirane ya nyuma,*** y'intambara ikomeye iheruka, y'icyiza n'ikibi. *Ibihamya, vol. 2, p.214.*

Dore Imana umuremyi w'isi n'ijuru n'ibirimo byose iravuga iti: "Kandi mujye mweza amasabato yanjye, abe ikimenyetso hagati yanjye namwe, kugira ngo mumenye yuko ndi Uwiteka Imana yanyu". *Ezekieli 20:20.*

"Ntimukabure kuziririza amasabato yanjye, kuko ariyo kimenyetso hagati yanjye namwe mu bihe byanyu byose, kugira ngo mumenye ko ndi Uwiteka ubeza". *Kuva 31:13.*

## *ISABATO, NI UMUNSI URUTA IYINDI ! KUKI ?*

***Isabato iba ku munsi wa karindwi, ubara uhereye ku cyumweru.***

« Kandi mujye mubara iminsi muhereye kuri uwo munsi wa mbere w'Isabato ». *Abalewi 23 :15.*

« Mu minsi itandatu abe arimwo imirimo ijya ikorwa, ariko uwa karindwi ni « *isabato* » yo kuruhuka, ni uwo guterana kwera : Ntimukagire umurimo wose mukoraho : ni « *isabato y'Uwiteka* » yo kuziririzwa mu buturo bwanyu bwose. » *Abalewi 23 :3.*

«Mu minsi itandatu ujye ukora, ariko kuwa karindwi ujye uruhuka : no mu ihinga no mu isarura, ujye uwuruhukaho. » *Kuva 34 :21.*

**ABANTU BO MU MINSI Y'IMPERUKA BAFITE AMATWI, ARIKO NTIBUMVA!**



- « Isabato izubahirizwa iteka ryose. Abayuda baribakwiriye kuyubahiriza uko bikwiye bakimara kuva mu bunyage, kandi mu isi nshya dutegereje, Isabato izakomezwa n'abantu bose (Yesaya 66 :23). Abantu bazakomeza Isabato bibuka mu bihe bidashira ko Kristo ariwe wabacunguye, bazaba bibuka ko ari nawe wongeye kurema isi nshya n'ijuru rishya byuzuye gukiranuka no kwera. "*Ubusobanuro bwa Biblia, vol. 4, P. 338*".

  Isabato n'ikimenyetso kigaragaza ko abakristo bacunguwe ku ngoyi y'icyaha, bityo bagakizwa ibyaha byabo na Kristo wabacunguye. Isabato ishimangira ko Umwami w'Isabato (Yesu Kristo) yaducunguye kandi ko ariwe utweza. Isabato ni ikimenyetso cy'ikiruhuko cy'ubugingo bwacu bwabatuwe ku buretwa bw'icyaha. Bityo rero, isabato ni umunsi uruta iyindi yose, isabato ni umunsi wera. Isabato ni ikimenyetso gihoraho cyo gucungurwa no kwezwa muri Kristo. Isabato n'uruzitiro rurinda ubucuti bwacu n'Imana. Isabto ni ikimenyetso cy'abumvira umuremyi. Abantu batekereza ko gukomeza Isabato ari uburyo bwo kwihambira ku mategeko, bari mu buyobe bukomeye cyane !

- "Itegeko ry'Isabato riteye ukwaryo mu yandi mategeko, kubera ko rifite kashe y'amategeko y'Imana. Niryo ryonyine rigaragaza izina n'umurimo by'uwatanze amategeko. Rivuga ko ari Umuremyi w'ijuru n'isi, nuko rikagaragaza ko agomba guhabwa icyubahiro kiruta iby'abandi bose, kandi agasengwa. Uretse iryo tegeko ryonyine, nta rindi mu mategeko cumi rigaragaza uwayatanze. "*Intambara Ikomeye, P. 452.*"

- Isabato igomba gukomezwa, kuko Imana yavuze ko ari "*Iyera*". Isabato n'umunsi usa n'iyindi, ariko nta wundi munsi Imana yadutungiye agatoki ko tugomba kuweza. Iminsi yose ifite akamaro; ariko ntabwo yejejwe n'Imana. Intangiriro 2: 1-3. Imana yejeje Isabato, irayiruhuka, kandi iyiha umugisha yonyine mu yindi minsi igize icyumweru. *Ntabwo Imana yejeje Icyumweru.* Kurenga ku itegeko ry'Imana, tukajya kweza icyumweru, ni ukugomera Imana: kandi ntabwo bizacira aho, kuko abagomera Imana bose bazihanirwa ntakabuza. Isabato ni umunsi utandukanye n'iyindi. Mumenye ko mu isi nshya, mu mategeko cumi y'Imana, Isabato yonyine niyo izasigara yubahirizwa iteka ryose, kuko nta muntu uzaba agikora ibyaha andi mategeko

cyenda yabuzanyaga. Isabato ntabwo izasibangana na rimwe. Wayanga, utayanga, uko biri kose ntuzabura guhura nayo ! Abantu bamwe usanga bajya impaka ku byerekeye gukomeza Isabato no kutayikomeza. Ariko ndabwira bose nti: Soma *Yesaya 8:20 – Yesaya 58: 13-14; Yesaya 56-2.* Bitekerezeho neza niba ufite ubwenge. Mumenye ko Imana idakina! Iby'Imana yavuze mubyitondere.

Imana ni umuremyi wacu. Iyo twubahirije Isabato tukayeza, tuba tubikoreye kubaha itegeko ry'Imana yaturemye. Aliko iyo tuyobotse *Icyumweru*, tugaragaza ko twubashye uwagishyizeho nyine (Papa). Mumenye ko nta muntu uzahesha undi ubugingo buhoraho. Ntawe Papa azahesha ijuru. Kumwubahiriza ku byo yategetse, ni ukurushwa n'ubusa.

« Uko niko Uwiteka avuga, ati : Havumwe umuntu wiringira undi muntu, akishimira amaboko ye, mu mutima we akimura Uwiteka. » *Yeremiya 17 :5*

« Nimureke kwishingikiriza ku bantu bafite umwuka mu mazuru. Mbese mubaca iki ? » *Yesaya 2 :22*

* Nk'uko Isabato yari ikimenyetso cyatandukanyaga abana b'Israeli ubwo bari bavuye mu Egiputa bagiye kwinjira muri Kanani yo ku isi, niko na nubu ari ikimenyetso kiranga ubwoko bw'Imana mu gihe buva mu isi, bwinjira mu kiruhuko cyo mu ijuru. Isabato ni ikimenyetso cyerekana isano iri hagati y'Imana n'abantu bayo, bayikiranukira n'abatayikiranukira. *"Ibihamya, vol. 6, P. 349-350.*

Iyo umuntu akomeza Isabato azi neza icyo akora, Isabato imubera umunezero: kuko aba asobanukiwe neza iby'urukundo rw'Imana yatubatuye mu bubata bw'icyaha na satani. Ntabwo rero Isabato iba ikimubereye umutwaro uremereye, kubera urukundo akunda uwayiremye. Ibanga rizatuma ubasha gukomeza amategeko cumi y'Imana bitakuvunnye ngiri: n'ukubanza gukunda Imana yayategetse. N'ubigeraho, amategeko y'Imana azakubera umunezero, mu kigwi cyo kukubera umushinja imbere y'Imana. Soma *Zaburi 119.*

Gukomeza Isabato bigaragaza ko twizera Yesu Kristo wavuze ati: "Nimukunda, muzitondere amategeko yanjye. *Yohana 14:15.*

"Nuko uzi gukora neza, ntabikore, bimubereye icyaha." *Yakobo 4:17*

Isabato yabaye nk'igiti kimenyekanisha icyiza n'ikibi, kiri mu murima w'Imana (*isi yacu*). Niyo gipimo giheruka kizatanga ubuhamya



bukomeye bwerekana abakristo biziritse ku Mana-Rurema n'abihaye kuba Imbata z'Inyamaswa ivugwa mu Byahishuwe 13, izatera abantu bose gushyirwaho ikimenyetso cyayo, bazarangwa n'umubare wayo "666". Aho kuri iyo Sabato, niho hazagaragaza ubuhamya nyakuri bw'abantu bumvira Imana.

* Isabato izaba igipimo gikomeye kiranga abumvira, kubera ko ari umugabane w'ukuri ukunda kugibwaho impaka.Ubwo abantu bazasuzumishwa igipimo giheruka, nibwo umusitari uzacibwa ugaragazaabakorera Imana n'abatayikorera. *"Intambara Ikomeye, P. 605".*

«Witondere itegeko, ntugire ikizinga, haba n'umugayo, kugeza ku kuboneka k'Umwami wacu Yesu Kristo.» *1 Timoteo 6:14.*

«Aho niho kwihangana kw'ahera kuri, bitondera amategeko y'Imana bakagira kwizera nk'ukwa Yesu» *Ibyahishuwe 14:12.*

«Ujye urwana Intambara nziza yo kwizera, usingire ubugingo buhoraho, ubwo wahamagariwe, ukabwaturira kwatura kwiza mbere y'abahamya benshi.» *1 Timoteo 6:12.*

***ISABATO IZABERA BENSHI IGISITAZA GIKOMEYE: KUKO BATAYITONDEYE.***

"Kandi mujye mweza amasabato yanjye, abe ikimenyetso hagati yanjye namwe, kugira ngo mumenye yuko ndi Uwiteka Imana yanyu". *Ezekieli 20:20.*

**** ISABATO NI IYANDE? MBESE NI IY'ABAYUDA GUSA?***

Nk'uko tumaze kubibona, isabato si iy'umuntu, ahubwo ni iy'Uwiteka. Niwe ubwe wayihanze, ayiha umuntu wa mbere Adamu. *Itangiriro 2:2-3.* Isabato yahawe abantu bose bazakomoka kuri Adamu. Ntabwo icyo gihe hari hakabayeho abayuda bayitirira ubu, ndetse nta n'ubwo abisraeli bari bakabayeho. Kuyibitirira rero, ni ubuyobe bukabije, ni ugushakira igisubizo aho kitari.

Amadini abigira urwitwazo, amenye ko ntahoa shingiye kubyo avuga. Ahubwo ni uburyo bwo guhunga ibibazo bibazwa n'abakristo babo, badashaka guhishura iby'ubuyobe amadini yabo yaguyemo. Ibyo babigirira kurengera inyungu zabo. Isabato ntabwo yagenewe idini iri n'iri gusa, ahubwo yahawe ikiremwa-muntu cyose gikomoka kuri

Adamu na Eva. Ntabwo isabato ari iy'Abayahudi n'Abadiventisiti b'umunsi wa karindwi bonyine. *Abayirengagiza bayizi, izabakoraho !*

***ISABATO NI IKIMENYETSO CY'UBUTEGETSI BW'IMANA RUREMA (Ez.20 :20).***

Mu mategeko cumi y'Imana nta rindi tegeko wasangamo uwatanze amategeko, icyo akora, n'aho akorera. Itegeko rya kane ririmo *KASHI Y'IMANA*. Iyo kashi niyo *KIMENYETSO* cyayo. Nk'uko ubutegetsi bwose bugira kashi iburanga, n'ubutegetsi bw'Imana bufite ikimenyetso cyiburanga. Isabato ni ikimenyetso cy'ubutegetsi bw'Imana kidahinduka cyangwa ngo gihindurwe. *KUKO UBUTEGETSI BW'IMANA BUDAHINDUKA NK'UBW'ISI.* Kandi igituma na Papa ashyira imbere icyumweru cye yishyiriyeho, ni uko aricyo kimenyetso cy'ubutegetsi bwe ku isi, ku madini yakiyobotse yose.

Imwe mu mpamvu abigisha bamwe ndetse n'abizera babo bakunze kwitwaza bashaka kwirengagiza isabato kubera ko bayobotse *ICYUMWERU* cyashyizweho n'ubutegetsi bw'umuntu (*UBUPAPA*), n'uko bavuga ngo amasabato yavuyeho, bitwaje ubusobanuro Paulo yizeraga. Mbese Paulo yezaga isabato? Paulo yeza isabato kugeza igihe apfiriye. Reba Paulo yigisha muri Antiokia y'i Pisidia: *Ibyakozwe n'intumwa 13:1-13.*

"Paulo n'abo bari kumwe batsuka i Pafo, barambuka, bafata i Peruga y'i Pamfiliya: Yohana abasigayo asubira i Yesuzalemu. Ariko abo bava i Peruga, bararombereza, bagera muri Antiokia y'i Pisidiya. Ku munsi w'isabato binjira mu isinagogi, baricara". *Ibyakozwe n'intumwa 13:13-14.*

*Bagisohoka barabinginga ngo bazongere kubabwira ayo magambo ku isabato ikurikiyeho. Iteraniro risohotse, benshi mu bayuda n'ababakurikije kubaha Imana, bakurikira Paulo na Barinaba, nabo bavugana nabo, barabahugura ngo bashishikarire kuguma mu buntu bw'Imana. *Ibyakozwe n'intumwa 13:42-43.*

*Ku isabato ikurikiyeho, ab'umudugudu hafi ya bose bateranira kumva ijambo ry'Imana. Ariko abayuda babonye ko abantu ari benshi, bagira ishyari ryinshi, bagisha impaka ibyo Paulo avuga, bamutuka". *Ibyakozwe n'intumwa 13:44-45.*



*Ku munsi w'isabato tuva mu mudugudu, tujya ku mugezi inyuma y'irembo dukeka ko hari ahantu ho gusengera. Turicara, tuvugana n'abagore bahateraniye. *Ibyak.16 :13.*

*Ikibazo : None se Paulo yaruhukaga isabato ?*

Yaruhukaga isabato rwose. *None se kuki bavuga ko ariwe wanditse ko isabato yavuyeho ?* Ibyo nta shingiro bifite muri Biblia. Icyo cy'ukuri nuko intumwa zose zarinze zisinzira hatagize n'umwe uhindura isabato, cyangwa rimwe mu mategeko y'Imana. None se ni hehe dusoma ko amategeko cumi y'Imana atakiri icumi, ahubwo dusigaranye icyenda gusa ? Bapfa iki n'isabato ?

***WIBUKE ISABATO UMWAMI YAHIRIYE !***

***Ikimenyetso cy'umuremyi (Kuva 31 :16-17).***

« Ntimugasohore umutwaro mu nzu yanyukuri uwo munsi, kandi ntimukagire umurimo wose mukora ; ahubwo mujye mweza umunsi w'isabato, nk'uko nabitegetse abasokuruza ». *Yeremia 17 :22.*

Umunsi wa karindwi ariwo sabato ni ikimenyetso cyatandukanyaga abana b'Israeli n'amahanga y'abapagani yari abazengurutse. Ariko muri iki gihe, isabato ni ikimenyetso gitandukanya abantu bumvira amategeko yose uko ari icumi twahawe n'Imana *(Kuva 30 :3-17)*, n'abatayumvira cyangwa abakomeza umugabane wayo muto gusa.

***NI HEHE MURI BIBLIA HATUMENYESHA IGIHE ISABATO YATANGIRIYE KUBAHO ? NI BANDE BATANGIYE UBWA MBERE KWEZA ISABATO ?***

Soma itangiriro 2 :1-3, havuga ngo : « Ijuru n'isi n'ibiriho byose birangira kuremwa. Ku munsi wa karindwi Imana irangiza imirimo yayo yose yakoze. Iruhuka ku munsi wa karindwi imirimo yayo yose yakoze. Imana iha umugisha umunsi wa karindwi iraweza : kuko ariwo Imana yaruhukiyemo imirimo yakoze yose ».

***ISABATO YERA Y'IMANA YATANGIYE ICYO GIHE. IHABWA ADAMU NA EVA N'ABABAKOMOKAHO BOSE ; KUKO ARIBO YAREMEWE (Mariko 2 :27-28). IRYO NI ITEGEKO KU BATUYE ISI BOSE.***

***AKAMARO K'ISABATO NI AKAHE ?***

**ISABATO, NI IKIMENYETSO CY'UMUREMYI**
**ISABATO, NI IKIMENYETSO CY'UKO IMANA ITWEZA.**
**ISABATO, NI IKIMENYETSO CY'UMUTEKANO**
**ISABATO, NI IKIMENYETSO CY'UMUDENDEZO.**

"Mu minsi itandatu abe arimwo imirimo ijya ikorwa, ariko uwa karindwi, ni ISABATO yo kuruhuka, n'uwo guterana Kwera : ntimukagire umurimo wose mukoraho : ni ISABATO y'UWITEKA yo kuziririzwa mu buturo bwanyu bwose ". Abalewi 23 : 3.

## AMATEGEKO Y'IMANA

"Nimukunda, muzitondera amategeko yanjye". Yohana 14 : 15.

"Kuko gukunda Imana ari ko kwitondera amategeko yayo : kandi amategeko yayo ntarushya". Yohana 5 : 3.

"Iki nicyo kitumenyesha yuko tumuzi, n'uko twitondera amategeko ye, uvuga ko amuzi ntiyitondere amategeko ye, ni umubeshyi, ukuri ntikuri muri we".1Yohana 2 : 3.

"Umuntu wese witondera amategeko yose, agasitara kuri rimwe, aba ayacumuye yose; kuko uwavuze ati : Ntukice. Nuko rero, ntudasambana, ariko ukica, uba ucumuye amategeko yose". Yakobo 2 : 10-11.

" Abakoze ibyaha bose batazi amategeko , bazarimbuka badahowe amategeko : kandi abakoze ibyaha bose bazi amategeko , bazacirwaho iteka ry'amategeko ; kuko abumva gusa amategeko ataribo bakiranuka ku Mana ; ahubwo abayumvira nibo bazatsindishirizwa nayo " . Abaroma 2:12 -13

# NTAWE IDINI RIZAJYANA MU IJURU

Hari abakristo bazi neza ko Isabato y'Imana ari umunsi w'Icyumweru ( Dimanche ) , kubera abayobozi babo babigisha batyo . Nyamara bo bazi ko ibyo bigisha atari ukuri . Abatabizi , ntibazabiryozwa ; Ariko ababizi bakabirengaho , bazabibazwa . Mumenyeko Imana Idakina !



Akamaro k'isabato, ni umunsi utwibutsa iremwa, uhora utwibutsa impamvu nyakuri tugomba gusenga Imana. kuko Imana ariyo muremyi wacu twese, natwe tukaba abo yaremye ; nuko rero gukomeza isabato ni urufatiro rw'abantu baramya Imana. Kubera ko Imana ari umuremyi wacu, ni ngombwa ko dukomeza kuyisenga, kandi isabato izakomeza kuba *IKIMENYETSO CY'IMANA N'URWIBUTSO RWAYO RW'IREMA. Intamabara ikomeye, p.437-438.*

## *IKIMENYETSO CY'UKO IMANA ITWEZA (Kuva 31 :13-14).*

Imana yise isabato umunsi wayo wera. Ntabwo rero ari umunsi nk'iyindi yose. Kandi si umunsi w'idini iri n'iri gusa. Ahubwo ni umunsi w'Imana. nicyo gituma itegeka iti : "Ntimukabure kuziririza amasabato yanjye, kuko ariyo kimenyetso hagati yanjye namwe mu bihe byanyu byose, kugira ngo mumenye ko ndi Uwiteka ubeza". *Kuva 31:13.*

***ISABATO NI IKIMENYETSO CYO GUCUNGURWA NA KRISTO UTWEZA. UBWO ICYAHA CYARI KIMAZE KWINJIRA MU ISI ISABATO YAGIZE UBUSOBANURO BUSHYA.***

*KWEZWA IMANA IVUGA KU BANTU BARUHUKA ISABATO NI UKUHE?*

Kweza ikintu ni ukugitandukanya n'ikindi ukagishyira ukwacyo kugira ngo ugikoreshe umurimo w'icyubahiro udapfa gukoreshwa n'ikibonetse cyose.
None iyo umunyabyaha yiyeguriye Imana ashaka kuyoborwa nayo, Imana imutandukanya n'imibereho mibi iranga abanyabyaha batumvira amategeko y'Imana. Ibyo ntibivuga ko aba yera, ahubwo Imna niyo imweza. Imweza kuba aba yemeye kumvira amategeko yayo, n'ubwo aba ari umunyabyaha bwose. Icyo Imana idusaba kugira ngo itweze, n'uko twemera kumvira amategeko yayo, maze ikadushoboza kuyagenderamo kubwo kwizera. Ariko iyo wiyemeje kugira ayo usuzuguramo, ntabwo ubasha kwezwa n'Imana; kuko uba wanze kuyumvira. Ku bw'iryo tegeko rikomeye rya kane ririmo kasha y'ikimenyetso cy'Imana Umuremyi wacu twese. Iyo wanze kuryumvira, ubarirwa mu bahakanyi. Ntabwo abaruhuka isabato bisobanurako bose ari abakiranutsi, ariko bose baba bahagaze munsi y'*IKIMENYETSO CY'IMANA CYO KWEZWA (ISABATO).*

Bazaba bemeye ko ari abanyabyaha, ariko Imana ibasha kubeza nkuko yabisezeranyije abaruhuka isabato bose *(Kuva 31:14)*.

***NUKO MUJYE MUZIRIRIZA ISABATO KUKO ARI IYERA KURI MWE. ISABATO NI IKIMENYETSO CYO KUBONERA GUTUNGANA, NO KWEZWAHO IBYAHA KU BEMEYE KUMVIRA IMANA BOSE.***

*ABANTU BAYOBOTSE ICYUMWERU BO SE NTABWO IMANA IBEZA?*

Buri wese azaryozwa ibyo yamenye, ariko akanga kubikurikiza. Ariko utabizi cyangwa se utabisobanukiwe, ntabwo azabiryozwa, kugeza igihe azabisobanukirwa neza, nyuma yo kubimenya ntabyitondere nibwo azagibwaho n'urubanza. Hariho ubw'Imana yeza n'abakristo bayobotse icyumweru, ihereye mu biri mu mitima yabo. Hari abaruhuka icyumweru bazi ko ariwo Sabato y'Uwiteka; kuko abayobozi babo batabasobanuriye *UKURI KWA BIBLIA KU ISABATO N'ICYUMWERU.* Abo Imana ntibura kubeza kubera ko batajijukiwe; ariko ababirengaho babizi, igitsure cy'Uwiteka gihora kuri bo iteka ryose, kuberako binangiye bakanga kuva ku izima ryabo kubera ubufana bw'amadini yabo bayobotse arwanya ukuri kw'Imana.

**** UKO BIZABA BIMEZE KU MPERUKA Y'IBIHE***

"Abantu b'Imana bafite ikimenyetso mu ruhanga rwabo. Icyo ntabwo ari ikimenyetso kigaragara: ni ugukomera mu kuri, mu bitekerezo no mu by'umwuka. Ubwo ntabwo bazaba bagishobora kunyeganyezwa. Igihe abantu b'Imana bazaba bamaze gushyirwaho ikimenyetso no kwitegura, nibwo igihe cyo kugosorwa kizagera". *Ibihamya, vol.1, p.188.* (Ikimenyetso cy'Imana si kashi nk'uko bivugwa ko izaterwa mu ruhanga).

"Bene Data, agakiza kacu na bagenzi bacu gashingiye ku buryo mwiteguye bihagije igihe cy'akaga kari imbere yacu. Muzabasha gutsinda umwanzi muzaba muhanganye? Mbese mufite gukoreshwa mu kwitegura akaga kagiye kuza". *Ibihamya, vol.5, p.717.* (Mbese igihe cyawe ugikoresha ute ubu?).

** Icyitonderwa tugomba kuzirikana cyane ubu.*

"Igihe cyo gushyirwaho ikimenyetso ni gito. Vuba aha, kizarangira. Abamaraika bane bafashe imiyaga ine. Iki nicyo gihe tugomba gukora



no guhitamo ukuri". *Inyandiko za kera, p.58* (None se ubu uhagaze ute?)

"Icyo kimenyetso ntikizatangwa mbere yuko *isabato* yerekwa abantu bose kugira ngo basobanukirwe neza. Ubwo rero nibwo abantu bazahitamo kwemera amategeko y'Imana cyangwa kwemera amategeko y'abantu. Nuko rero abantu bazemera amategeko y'Imana bazashyirwaho ikimenyetso cy'Imana ihoraho. Naho abatazemera amategeko y'Imana bazashyirwaho ikimenyetso cy'inyamaswa". *Intambara ikomeye, p.449.*

** Mbese Imana yeretse abantu isabato yayo?*

Imigambi myiza idashyizwe mu bikorwa ntizabuza umuntu kurimbuka. Igihe cy'akaga nikigera nibwo abitondeye ijambo ry'Imana bazagaragara.

« Umukobwa umwe yari hafi yo kuba umubikira, ariko ubwe yihaga inshingano yo gusoma Biblia, yiyigisha we ubwe, umwuka w'Imana yaramusanze, aramuhumura abasha kubona ukuri yari yarahishwe n'abayobozi be, none ubu yamaze kubatizwa mu itorero ry'abadivantisiti ». Nta rwitwazo na rumwe uzabona rukurengera imbere y'Imana, igihe uzaba utunze Biblia iwawe, kandi ukaba uzi no gusoma. Satani azagenda ateshura abakristo inzira y'ukuri, uwari umuhanga amuhindure injiji, uwari umuyobozi amuhindure impumyi, uwari umuntu w'Imana amukoreshe amahano kugira ngo abamureberagaho bose bazinukwe Imana bagwe mu mitego ye. None se wasobanura ute ukuntu abantu bayoba inzira y'ukuri kandi batunze Biblia iwabo, ndetse bose bazi no kuzisomera ?

*Reka turebe uko ubuhanuzi bugenda busohora:*

Guhera mu mwaka wa 1990, mu Rwanda batangiye kwirukana abakozi bo mu nzego zose, babahora kwanga gukora ku isabato. Bakomeza kubirukana kugeza ubwo abantu bose batangira kwibaza icyo isabato ari cyo. Babonye abakristo benshi bemera kureka imbehe zabo zikameneka nta kindi bishingikirije kizabatunga. Ibyo bituma abantu bose bibaza ukuri kwabyo. Kuko birukanwaga nta kindi bazira uretse icyo gusa. Ubwo byari bikabije, nibwo inama ya Leta yize kuri icyo kibazo, yemeza ko itanze ikiruhuko cya samedi (isabato) Imana yereka abantu bose isabato, kugira ngo buri wese yihitiremo nta gahato kamuriho. Kugeza ubu isabato iracyaruhukwa. Imana yeretse abantu ko ariyo itegeka; ariko hagombaga kuboneka ibitambo

by'isabato, kugira ngo imenyekane hose mu batayizi. Ni nde utaramenya isabato mu barwanyaga abayiyuruhuka? Imana yahaye buri wese amahirwe yo kwihitiramo hagati y'itegeko ry'Imana ***"wibuke kweza umunsi wa sabato…"***, n'itegeko ry'umuntu ***"urajye uza mu missa ku cyumweru***. None ubu se wahisemo iki? Igihe kigiye kugera, buri wese agume mu ruhande ahisemo burundu.

***ICYITONDERWA***

Ntugakurikize benshi gukora ibyo gukiranirwa : kuko buri wese azabazwa ibyo yakoze. Ntabwo Pasiteri, Padiri, Musenyeri, Papa, bazakurengera mu rubanza imbere y'Imana. Umugore n'umugabo, umwana na nyina cyangwa se, ntawe uzavugira undi. Buri wese azikorera umutwaro we. Ntihakagire ugushuka. Ibyanditse muri Biblia yawe usoma, ariko ntubyitondere nibyo bizaguhamya niba ukiranuka cyangwa niba ukiranirwa. None se waba utazi gusoma ? Iyo usomye kuva ibice 20 :8-11, wibaza iki ? Ntabwo iryo tegeko rizahinduka, nubwo abarigomera bakuzura isi yose.

« Nicyo gituma umwami Uwiteka avuga ati : kuko mwateye gukiranirwa kwanyu ko kwibukwa, mugatwikurura ibicumuro byanyu, bigatuma ibyaha byanyu bigaragarira mu mirimo yanyu yose, ubwo mwibutswe muzafatwa ukuboko ». *Ezekieli 21 :24.* Imana ubwayo niyo izagufata ukuboko iguhane. *UZAKIZWA NANDE* ? Izagushinja ibyaha byawe, iti: « Wasuzuguye ibyera byanjye, uzirura n'amasabato yanjye ». *Ezekieli 22 :8.*

« Kandi nzagusukaho umujinya wanjye, nguhirikeho n'uburakari bwanjye, nzakugabiza amaboko y'abanyarugomo, abahanga bo kurimbura. Uzaba uwo gukongorwa n'umuriro, n'amaraso yawe azameneka mu gihugu cyose, kandi ntabwo uzongera kwibukwa ukundi, kuko njye Uwiteka mbivuze. *Ezekieli 21 :31.*
« Uburakari bukaze bw'Uwiteka ntibuzakimirana, keretse amaze gukora agasohoza ibyo yagambiriye mu mutima we. Ibyo muzabimenya neza mu minsi y'imperuka ». *Ezekieli 30 :24.*
« Dore hazaba umunsi utwika nk'itanuka ry'umuriro, abibone bose n'inkozi z'ibibi zose bazabe ibishingwe, maze habe umunsi uzabatwika, bashire : niko Uwiteka nyiringabo avuga, ntuzabasigira umuzi cyangwa ishami ». *Malaki 4 :1.*



« Amahanga azatwikwa nk'uko batwika ibishwangara, kandi nk'uko amahwa atemwa, agatwikwa n'umuriro ». *Yesaya 33 :12.*
« Bazabona ishyano kuko bayembayembye nkababura. Nibarimbuke, kuko bangomeye, n'aho nifuzaga kubacungura, barambeshyeye ». *Hosea 7 :13*

***ICYITONDERWA***

"Uku niko Uwiteka avuga ati: Havumwe umuntu wiringira undi umuntu akishimira amaboko ye, mu mutima we akimura Uwuteka". Yeremiya 17:5.
"Nuko mujye mwitondera iby'Uwiteka Imana yanyu yabategetse, ntimugatambikire iburyo cyangwa ibumoso". *Gutegeka 5:32.*
"Aho niho kwihangana kw'abera kuri, bitondera amategeko y'Imana bakagira kwizera nk'ukwa Yesu". *Ibyahishuwe 14:12.*

*Ikibazo*: Kuki amadini hafi ya yose arwanya *ISABATO YERA Y'IMANA*: ese ni Imana badashaka cyangwa ni isabato badashaka?
*Igisubizo*: Isabato, ni urwibutso rwo kurema. Mu itegeko rya kane, nimwo dusanga umuremyi wa byose. Mu isabato nimwo tumenyera umuremyi w'isi n'ijuru n'ibirimo wa byose. Mu isabato nimwo tubonera ububasha bukomeye bw'Imana bwo kurema. Umwanzi w'Imana n'abantu (Satani) niwe utera abanyamadini kugomera iryo tegeko ry'Imana, kugira ngo abibagize umuremyi wabo.

Ukuyeho itegeko rya kane ry'isabato, andi mategeko icyenda asigaye nta gaciro aba agifite: kuko ataba afite uwayashyizeho uyashimangira. Mu isabato nimwo dusanga kashi y'Imana ishimangira ububasha bw'amategeko yayo. Bityo rero, urwanya isabato nta nubwo aba yemera Imana nk'umuremyi we. Urwanya isabato, aba arwanya Imana ubwayo. Umwanzi w'Imana n'abantu satani, niwe washyizeho gahunda yo kurwanya Imana mu mayere. Satani azi neza ko abantu bose basoma Biblia bamwanga. Nuko rero, nawe yashakishije uburyo yabigarurira mu mayere, bakamwumvira mu buryo bo ubwabo badasobanukiwemo neza. Satani avuga ati: ari *ISABATO* ari n'*ICYUMWERU* byose ni kimwe. Icy'ingenzi ni ugusenga no kumenya uwo usenga. Ariko se, wasenga uwo usuzugura. Hari ikirego

imbere yawe ngo: *"Wasuzuguye ibyera byanjye, uzirura n'amasabato yanjye". Ezekieli 22:8.*
*Reka twibaze kuri ibi bibazo bikurikira:*
*Ikibazo* : Isabato, ni iya nde ?
*Igisubizo*: Isabato ni iy'Uwiteka Imana yacu.
*Ikibazo* : Icyumweru, ni icya nde ?
*Igisubizo* :Icyumweru, ni icya Kiliziya Gatorika y'i Roma.
*Ikibazo* : Uyobotse icyumweru mbese ubwo abayumviye nde ?
*Igisubizo* : Uyobotse icyumweru, aba yumviye Kiliziya Gatorika yagishyizeho nyine (ubupapa).
*Ikibazo* : None se uyobotse *isabato*, aba yumviye nde ?
*Igisubizo* : Uyobotse *isabato yera y'Imana*, birumvikana neza ko abayumviye Imana nyine.
*Ikibazo* : Mbese Uwiteka Imana, ishimishwa n'uko abantu bayo banga Isabato yayo, ahubwo bakihitiramo kuyoboka icyumweru cyashyizweho na Kiliziya Gatorika, bitwaza ngo byose ni ugusenga ; Tuzasenga uko tubyumva, yose ni iminsi y'Imana ?

*Igisubizo* : «Icyo mbategeka cyose mujye mucyitondera mucyumvira ; ntimukacyongereho, ntimukakigabanyeho». ***Gutegeka 12 : 32.*** «Hahirwa umuntu ukora ibyo, ni umwana w'umuntu ubikomeza ; akeza *ISABATO*, ntayice, akarinda ukuboko kwe ngo kudakora icyaha cyose ». ***Yesaya 56 : 2.*** Uyu munsi Uwiteka Imana yawe igutegetse kumvira ayo mategeko n'ayo mateka : nuko ujye ushyira umutima wawe wose n'ubugingo bwawe bwose kuyitondera no kuyumvira « ***Gutegeka 26 : 26*** ». Nimusange amategeko y'Imana n'Ibiyahamya ! nibatavuga ibihwanye n'iryo jambo nta museke uzabatambikira ». ***Yesaya 8 : 20.***

*Ikibazo* : Mbese ko umubare munini w'abakristo benshi basenga ku *CYUMWERU*, itegeko ryo gusenga ku cyumweru ni irya kangahe mu mategeko cumi y'Imana ?
*Igisubizo* : Soma Kuva 20 : 3-17, muri Bibiliya Yera ; ntaho usanga handitswe itegeko ry'icyumweru mu mategeko cumi y'Imana. nuko rero, icyo udasanzemo ntukacyiteho na gato.
*Ikibazo* : None se, kuki Abakristo banze itegeko ry'Imana yabo, ahubwo bakihitiramo itegeko ryashyizweho n'abantu kubyerekeye umunsi wo gusenga, ariko andi mategeko cyenda asigaye yo bakayitondera ? Ndibaza nti : Mbese ntibazi gusoma ? Ntibatunze za



Bibiliya iwabo, cyangwa se ntibazisomerwa ? Kuki badashaka kumvira Imana yabo ? Mbese byaba bifite icyo bihatse ?
*Igisubizo* : « Ubu bwoko bunshimisha iminwa, ariko imitima yabo imba kure. Bansengera ubusa, kuko inyigisho bigisha ari amategeko y'abantu. » *Matayo 15 : 8 -9.* « Mureke kwishingikiriza ku bantu bafite umwuka mu mazuru. Mbese mubaca iki ? *Yesaya 2 : 22*

« Narabahamagaye, muraninira ; naharamburiye ukuboko, ntihagira ubyitaho ; nuko nanjye rero nzabakina ku mubyimba mwagize ibyago, nzabaseka, icyo mwatinyaga kibagezeho ; igihe muzatungurwa n'ubwoba nk'umugaru, ibyago byanyu bikaza nka Serwakira ; igihe umubabaro n'uburibwe bizabageraho. Nibwo bazantakambira nkabihorera ; bazanshakana umwete ntibazambona. Kuko banze kumenya, kandi ntibahisemo « *Kubaha Uwiteka* ». *Imigani 1 : 24-29.* Nicyo gituma nanjye nzabagirira uburakari ; ijisho ryanjye ntirizabareba neza, kandi sinzabagirira ibambe ; nubwo bantakambira mu matwi bashyize ejuru, ntabwo nzabumvira. *Ezekieli 8 : 18.*

## *GENZURANA UBUSHISHOZI, IBYO ABAYOBOZI BAWE MU IDINI BAKWIGISHA*

Amadini yaduka muri iki gihe, ni menshi cyane. Ariko ayo madini yose yaduka, yose aza yegamiye ku « *cyumweru* », uwo munsi ukaba uwo gusenga no guterana kwabo kwera. Baza batera *Isabato Yera 'Imana* umugongo, kandi ngo baje kwigisha ijambo ry'Imana. Uretse Abadivantiste b'umunsi wa Karindwi tuzi ko bakomeje *Isabato y'Imana* andi madini yose ntiyemera *ISABATO* nk'itegeko ry'Imana rya kane *(Kuva20 : 8-11)* bagomba kwitondera. Amadini afite iminsi asengaho n'atatu : Abagaturika (ku cyumweru bitoreye), Abadivantiste b'umunsi wa karindwi (ku Isabato Yera y'Uwiteka Imana), Abayislamu (kuwa gatandatu – vendredi – ijuma). Andi madini yose asigaye yiyomeka aho ashaka. Kandi yose yisangira Abagatorika. Birumvikana neza rwose ko ibyo bifite Imvano, ndetse bizagira ingaruka. Uko biri kose, bifite icyo bihatse. Mu bitege amaso : kuko bifite aho byerekeza abantu.

## *ABANTU BIHAYE IMANA BAKUNDA KURWANYA IMANA YABO.*

*Uwiteka aravuga ati* : « Nuhindukira ntukandagire *isabato*, ukanga gukora ibyo wishakiye ku *munsi wanjye wera*, ahubwo ukita *isabato* umunezero *umunsi wera w'Uwiteka* ukawita *uw'icyubahiro*, ukawubaha, ntube icyigenge, ntiwishakire ibyo kwinezeza, ntiwivugire icy'ushaka ku bwawe, nuko uzishimire Uwiteka ; nanjye nzaguha kurambagira mu mpinga z'igihugu ; kandi nzagutungisha gakondo ya Sogokuruza Yakobo. Akanwa k'Uwiteka niko kabivuze ». *Yesaya 58 : 13-14.*

Ikosa ntabwo rishobora kuba ukuri, nta n'ubwo gukora iryo kosa ibihe byinshi bishobora kurihindura ukuri. Kwizera cyane ikosa ntibirihindura ukuri. Kwiringira ikosa ubivanye ku mutima ntibishobora gukiza umuntu ingaruka zikomotse ku kwiringira iryo kosa. Nshobora gukurikira inzira itari iy'ukuri mbikuye ku mutima, nyamara ntabwo uko kuyinyuramo byahindura inzira itayobya. Ntabwo iyo nzira yangeza ahantu nifuzaga kujya ». *Ubutumwa bwatoranijwe, vol. 2, p.56.*

Nuko rero ntukihane nka Balamu wihannye ari uko abonye Maraika w'Imana amuhagaze imbere n'inkota ye igihe yamubwiraga ati : iyo urengaho intambwe imwe mba nakwishe. Guhinduka k'umuntu kwagombye gutangirira mu mutima, aho kuba inyuma ku ishusho y'umuntu. Ibibwirizwa bya buri munsi bitumariye iki niba tudahinduka? Twirinde gupfusha igihe ubusa.

« Mwirinde ubwanyu, murinde n'umukumbi wose Umwuka Wera yabashyiriyeho kuba umurinzi, kugira ngo mugire itorero ry'Imana, iryo yaguze amaraso ye ». *Ibyakozwe 20 : 28.*

« Mwirinde mutabura iby'imiromo yanyu mwakoze, ahubwo ngo muzahabwe ingororano itagabanije. *2Yohana 1 :8.*

## *IHEREZO RYA BYOSE RIRI BUGUFI*

*Imishinga y'umukuru wa Kiliziya gatolika ku isi yose, yatangiye gushyirwa mu bikorwa buhoro buhoro.*

*Dore uko iyo mishinga iteye:*

1. Nta muntu ugomba kohereza urwandiko mu iposita adafite ikimenyetso gitangwa n'iryo shyirahamwe.



2. Nta muntu ugomba gukora mu biro cyangwa mu isosiyeti, adafite icyo kimenyetso gitangwa n'iryo shyirahamwe.
3. Nta muntu ugomba kwiga ababyeyi be badafite icyo kimenyetso gitangwa n'iryo shyirahamwe
4. Nta muntu uzemererwa kugura cyangwa kugurisha intwaro adafite icyo kimenyetso.
5. Nta muntu ugomba gucuruza cyangwa kugura (kugura no kugurisha), adafite ikimenyetso gitangwa n'iryo shyirahamwe.
6. Ntawe uzabitsa cyangwa ngo abikuze amafaranga ye adafite icyo kimenyetso gitangwa n'iryo shyirahamwe.
7. Iri shyirahamwe rifite ubushobozi, utazarikurikiza ngo aryubahe, azahanwa cyane ageze no ku gupfa.
8. Ibigendajuru byose bizajya bihabwa uburenganzira bwo kugenda mu kirere, n'iryo shyirahamwe.
9. Umugenzi udafite iyo karita iriho icyo kimenyetso, ntabwo azagenda.
10. Hazabaho ifaranga rimwe ku isi yose.
11. Kandi ibihugu bikennye cyane biri mu nzira y'amajyambere bizajya bifashwa.
12. Abayoboke bose bo ku isi yose bazajya basenga ku munsi umwe wo ku cyumweru.
13. Nta muntu uzahiga cyangwa ngo arobe, adafite icyo kimenyetso gitangwa n'iryo shyirahamwe.
14. Nta muntu uzatumira cyangwa ngo yohereze ibintu mu mahanga, adafite icyo kimenyetso gitangwa n'iryo shyirahamwe.
15. ?
16. Nta muntu uzajya yivuza cyangwa ngo avuze adafite icyo kimenyetso gitangwa n'iryo shyirahamwe.

*Ngizo ingingo zigize ishyirahamwe – mpuzamashyirahamwe ku isi yose, iyobowe na Papa, uko zatangarijwe i Nairobi muri 1985. Izo ngingo zose zizashyirwa mu bikorwa kandi zimwe zatangiye gukurikizwa na bimwe mu bihugu byo ku isi. Kandi isi yose izubahiriza ayo mabwiriza agomba kuyobora isi. Ibyo bizubahirizwa kubera gushakira isi umutekano no gucogoza iterabwoba rizaba mu nzego zose z'imirimo. Bazahanisha ikibi ikindi kibi.*

***Icyitonderwa**: Ingingo ya 15 yarahishwe kubera impamvu Zitamenyekanye.*

Ibimenyetso byinshi birimo kugaragarira mu itorero ndetse no hanze yaryo mu isi, ariko ibibabaje nuko bibonwa na bake! Abanyabwenge nibo bazabimenya. Ibimenyetso byinshi bigaragaza yuko iherezo rya byose riri bugufi. Kristo najya kugaruka, hazabanza habeho igihe cy'amakuba akomeye. Ubwo ibyago birindwi bizasukwa. Ubwoko bw'Imana bukwiriye kwitegura icyo gihe. Imiburo y'Imana iravugwa hose no mu ma Radio na za Televiziyo. Ibyo twumva, tubona kuri za Televiziyo na Radio bitwereka ko isi igeze ku iherezo. Ariko se, ni bangahe babyitaho? Ngo: umwana uzi kumva, yumvira mu rusaku!

## *NTACYO BITWAYE IRABANZA ICYO NAKOZE IGAHERUKA !*

Burya ya mategeko cumi Imana yahaye Mose ku musozi Sinai, yari ***fotokopi*** y'amategeko cumi yo mu ijuru! Ubu ayo mu isi yahinduwe n'ububasha bw'abantu (ubupapa buyobora Kiliziya gatolika) nk'uko byari byarahanuwe (*Danieli 7 :25)*. Ariko nubwo ayo mategeko y'Imana ku isi bayahinduye, ayo mu ijuru ***y'umwimerere*** aracyari uko yahoze. None se, kuba abanyamadini barahinduye ayo yo ku isi bimaze iki ? Ubwo Imana izaba icira abantu imanza, izaba igendera ku mategeko yayo ya ***original*** yo mu ijuru. None se, abavuga ko isabato ntacyo ivuze, bazisobanura bate , igihe Imana izaba ibabaza iby'iryo tegeko ryayo rya kane? Ko twabonye ko nta mpamvu babonye mu byanditswe byera yo kubahamiriza yuko itegeko rya kane ryakuweho, kandi nta mpamvu babonye yuko isabato yahindutse, ubusobanuro bwo kweza icyumweru bazabukura he, bari imbere y'Imana mu rubanza ? *Ntacyo bitwaye irabanza icyo nakoze igaheruka*! Jye, nkurikije ubutabera bw'Imana, ndabwira unyumva wese ko atagomba kwishinga abanyamadini babo, bikurikiriye inyungu zabo. Kuko nta muntu uzavugira undi mu rubanza imbere y'Imana. Ariko nushaka kugera ku bugingo, witondere amategeko. *Matayo 19 :17*. Ese, kuki amadini menshi yaduka, asenga ku cyumweru ? *Bitekerezeho neza* !

## *ICYUMWERU CYATURUTSE HE ? CYAJE GITE ?*

Umwami w'abami *AURELIEN* (270-275) yatangiye umushinga wo guhuza amadini na Leta, aho abasengaga ikigirwamana cy'izuba bitaga « Mithra » aribo bagombaga kuyobora iby'iyobokamana byose. Apfa atageze ku mugambi we. Ikinyejana cya gatatu kijya kurangira, nibwo *SOLIS DEUS INVICTUS* (Dieu du Soleil Invincible)



bisobanura ngo : Imana Zuba Itaneshwa yarangwaga na « *APPOLO* » itangiye gusengwa mu bwami bwose.

***Umunsi w'izuba « Mithra », usimbura isabato hanyuma witwa "umunsi w'umwami"***.

Ibigirwamana byose byakorwaga iminsi mikuru yabyo buri munsi. Abakaludaya bari barafatiye amazina y'iminsi bahereye ku bisi n'ibiva mu ijuru (les astres) aribyo : izuba, ukwezi, hamwe n'ibindi bisi bitanu aribyo : ***Mars, Mercure, Jupiter, Venus, Saturne***, bizenguruka uruhande rw'izuba.

Dore uko babisengagaga buri munsi uko bikurikirana, ku minsi yabyo.

1. Umunsi wa mbere w'icyumweru, basengaga **izuba** (soleil), bawurindishaga ikigirwamana cy'izuba « Mithra » : "sun" (izuba) DAY (umunsi) = SUNDAY= umunsi w'Izuba. Ijambo: Dimanche, byaturutse ku ijambo ry'ikiratini "Dominica" risobanura "Dimanche" mu gifaransa. Mu kinyarwanda "icyumweru".
2. Umunsi wa kabiri w'icyumweru basengaga ***ukwezi*** (lune), bawurindishaga ikigirwamana cy'ukwezi « Lune » : basengaga lundi, niho "Lundi" byaturutse.
3. Umunsi wa gatatu w'icyumweru basengaga ***Marisi*** (Mars), niho « Mardi » byaturutse.
4. Umunsi wa kane w'icyumweru basengaga ***Merkure*** (Mercure) : niho « Mercredi » byaturutse.
5. Umunsi wa gatanu w'icyumweru basengaga ***Jupiter*** (Jupiter): niho « Jeudi » byaturutse.
6. Umunsi wa gatandatu w'icyumweru basengaga ***Venus*** (Venus), niho « Vendredi » byaturutse.
7. Umunsi wa karindwi w'icyumweru basengaga ***Saturne*** (Saturne) : niho « Samedi » byaturutse.

## *ICYITONDERWA*


*Kuri 25 Ukuboza (le 25 decembre) bizihizaga umunsi w'ivuka ry'ikigirwamana « Mithra ». Niwo ubu wabatijwe umunsi wa Noheli, ivuka rya Yesu, Papa Yuli wa 1, wa 35, niwe washyizeho umunsi wa Noheli awushyira ku itariki ya 25 decembre, umunsi wari*

*uw'ikigirwamana cyitwaga « Mithra ». Ibyo byakorewe kwibagiza Abakristo basenganga kuri uwo munsi wa mbere w'icyumweru (dimanche) inkomoko yawo ya kera yo mu bapagani.*

- « Mithra » (izuba) wabaye uwa « Noheli » kuva ubwo (wabatijwe uwa Noheli). Kuri uwo munsi, basengaga ikigirwamana cyabo « Izuba ». Abakristo be kugeza mu mpera y'ikinyejana cya gatatu, bari barakomeje kugendera kuri gahunda y'Abayuda, kuko babaraga iminsi mu mazina yayo, nibwo batangiye kwemera amazina y'iminsi y'abapagani bakoreshaga. Ibyo bikomeza bityo na bugingo n'ubu.
- Noheli tuzi ubu kuri 25 Ukuboza, ntabwo ariwo munsi w'ukuri w'ivuka rya Yesu ; ahubwo ni umunsi wakomotse mu bapagani. Ni umunsi Kiliziya Gatolika yabohoje mu bapagani, kandi Satani aracyawukomeyeho. Kuba Kiliziya yarawejeje, sibyo bisobanura ko wera, uracyari umunsi w'abapagani. Nicyo gituma abadivantisiti batawizihiza, kuko nta shingiro ufite muri Biblia. Tuzi ko ari umunsi wakomotse mu bapagani washyizweho nk'urwibutso rw'ivuka rya Yesu, uza gufatwa nk'ukuri nyuma. Ntaho Noheli yanditse muri *BIBLIA YERA* kuri iyo tariki.

***Icyumweru kibaho, icyumweru kibatizwa umunsi w'umwami.***

- Ijambo icyumweru. Sunday : sun = izuba ; day = umunsi = ***umunsi w'izuba*** = *SUNDAY*. Ibyo byahoraga byibutsa abakristo inkomoko yacyo itarabashimishaga. Nibwo habayeho kubatiza izina rishya, inkomoko nyayo ntiyavuyeho.
- Ijambo icyumweru (dimanche) rikomoka kuri Deus Dominica bisobanura ngo : « ***Imana y'icyumweru*** », risimbuzwe « ***jour du Seigneur*** ». Mu kinyejana cya kane, Sylvestra wa mbere (papa) wa Roma (314-337), mu kugerageza gukuraho amazina ya gipagani, ayita aya gikristu (kuyabatiza), yafashe icyemezo cy'uko « ***Deus Solis*** » byibutsaga abakristo ko bikomoka kuri « ***Mithra*** » y'icyumweru cy'abapagani, bizitwa guhera ubwo « **Deus *Dominica*** » : « ***Umunsi w'umwami*** » bisobanurwa ngo : « ***umunsi w'Umwami*** », bakajya bawibukiraho « ***ukuzuka kwa Kristo*** ». Yari agamije kubibagiza icyo wahoze uri cyo. Ubwo nibwo Deus Dominica isimbuye burundu Deus Solis. Bitangira





*ICYUMWERU CYAJE GITE ?*

*UYU URIMO UKORA IBYO, NTABWO ARI UMUPAGANI.*

*«Iki nicyo kitumenyesha yuko tumuzi, n'uko twitondera amategeko ye », Yohana 2 :3.*

*Umuntu nk'uyu, wamugenza ute?*




*ICYUMWERU CYAJE GITE ?*

*Uyu mukristo afashe itindo n'inyundo, arimo kumena itegeko rya kane (Isabato) ngo yinjizemo icyumweru, none yose aramenetse !!!*

*None se, ari wowe uri mu mwanya w'Imana, Umuntu nk'uyu, wamugenza ute?*

*ICYUMWERU CYAJE GITE ?*

muri 386. Icyumweru, si umunsi w'umwami Yesu ; kuko yivugiye ko ari umwamiw'isabato ; Matayo 12 :8. None umwami w'icyumweru ni nde ? Ni uwagishyizeho nyine. Uwagishyizeho ni nde ? *Ni PAPA SYLVESTRE WA 1.* Bishyigikirwa n'umwami w'abami *CONSTANTIN*. Kubera impamvu za politiki , arangiza wa mushinga w'umwami w'abami « *AURELIEN* » yapfuye atarangije, wo guhuza amadini ya gikristo na **Leta, ku** itariki ya 7/03/321, nibwo atangaje iteka kuri bose, itegeko ***ryo kujya basenga ku munsi wa dimanche, umunsi wari uw'ikigirwamana cyabo « Izuba »***. Iryo teka rikurikirwa n'andi yatangajwe muri 368, 386, 425, 169, yose ashyigikira icyumweru. Ibyakorwaga ku munsi wa sabato, byahise byimurirwa ku munsi wa dimanche , umunsi wabatijwe uw'umwami. Bibaho kugeza n'ubu. Nguko uko icyumweru cyaje, n'uko cyaje kwitwa « ***umunsi w'umwami*** » musanga mu mvugo z'abanyamadini bayobotse icyumweru.

*Za Conciles za kiliziya gatolika y'i Roma zose zakurikiyeho zose zahamije bidasubirwaho ko iby'isabato byose bivanyweho bikimurirwa kuri dimanche.*

- Consile y'i *NICE*, muri 325, isinyira iryo hindurwa.
- Consile y'i *LAODEKIA*, muri 364, itesha agaciro isabato.
- Consile y'*ORCEANS*, muri 538, ibuzanya imirimo yose ku cyumweru.
- ***Papa Gregoire wa 7***, muri 1073, ahana abasenga ku isabato muri *Consile y'i Trente*. Kiliziya yemeza bidasubirwaho ugusimbuzwa kw'isabato icyumweru (dimanche) icyumweru kiba kiremewe. Nuko icyumweru cyaje. Ubuhanuzi buba burasohoye, nk'uko byari byarahanuwe, ko amategeko y'Imana azahindurwa n'abantu. *Danieli 7 :25*. Nubwo Yesu Kristo yazutse ku cyumweru, ntaho yategetse na hamwe ko umunsi w'izuka rye uzasimbura umunsi wa karindwi w'isabato. Izindi nzitwazo nta shingiro zifite muri Biblia. Icyumweru rero, si umunsi w'umwami Yesu n'ubwo bawumwitirira, ahubwo ni umunsi wakomotse mu bapagani, usimbura isabato y'Imana uko mubibonye mu buryo butemewe. Nicyo gituma yawurakariye cyane. Soma ibyahishuwe 14 :9-12, ikaba yarageneye igihano gikomeye abemeye kuwuyoboka bose. Mu minsi iri imbere, icyumweru n'isabato, bigiye guhangana bikomeye, kimwe gishaka gusimbura ikindi burundu ku isi yose! Abatuye isi bose bazahagarara muri iyo migabane ibiri. Buri wese



yihitiremo uruhande aherereyemo. Icyo gihe ubupapa buzaba buhanganye n'Imana Rurema. Iyo ntambara iheruka amateka y'isi, ubupapa bumaze igihe buyitegurana umwete. Dore uko ubuhanuzi bubigaragaza: "Imbaraga ze zizaba zikomeye, ariko ntizizaba ari ize ubwe. Azarimbura bitangaje, azabasha ibyo agambiriye, azarimbura abakomeye n'ubwoko bw'abera. Azagira imigambi ituma abashishwa byose n'uburyarya: kandi azishyira hejuru mu mutima we, azarimbura benshi biraye, ndetse azahagurukira kurwanya umwami w'abami, ariko azavunagurika ntawe umukozeho". *Danieli 8:24-25.*

***Imana ivuga iki ku byo kugerageza guhindura amategeko yayo ?*** *Gutegeka 4 :2 ; Luka 16 :17. Imana iracyafashe ibishobora kurimbura isi kugeza ubwo abantu bayo bashyirwaho ikimenyetso cyayo aricyo sabato. Bidatinze umuntu wese wo ku isi azaba mu mugabane umwe mu migabane ibiri : mu mugabane w'Imana afite ikimenyetso cy'isabato, cyangwa mu mugabane w'inyamaswa afite ikimenyetso cya dimanche. Ibyo nibyo bizaheruka amateka y'isi.*

Hari ikintu cy'ukuri mugomba kumenya. Niba dushaka kuzajya dutemberana na Yesu muri cya gihugu cyiza cyo mu ijuru, ni ngombwa rwose ko ubu tubanza kumenya kugendana na Yesu muri iyi si mbi. Niba dushaka kuzaruhukana isabato yera na Yesu mu bwami bwo mu ijuru (*Yesaya 66 :23)* umwami w'isabato *(Matayo 8 :12)* ni ngombwa ko tugomba kubanza kuyiruhukana nawe muri iyi si mbi. Kuri iyi si, twitoza uko tuzamera mu gihugu cyiza cyo mu ijuru. Niba dushaka kuzaba mu munezero utagira iherezo mu bwami bwo mu ijuru, ni ngombwa ko tubanza gufatanya na Yesu mu mibabaro ye yo muri iyi si mbi. Ubwami bwo mu ijuru buratwaranirwa, intwarane zibugishwamo imbaraga (*Matayo 11 :12).* Kuko ubwami bw'Imana atari ubw'amagambo, ahubwo ari ubw'imbaraga *(1 Abakorinto 4 :20).*

***Mbere yo kugaruka kwa Kristo, hazaba umubabaro utigeze kubaho kuva isi yaremwa.***

« Igihe cy'umubabaro utigeze kubaho, kirenda kutugeraho, dukwiriye kuzaba twarahindutse ukundi kutari uko tumeze ubu ngubu, nyamara dore benshi batereye agati mu ryinyo. Kenshi haba ubwo haba

agakabyo k'umubabaro wenda gutera, ariko umubabaro tugamije wo siko biri. Inkuru mbarirano iratuba. Muri icyo gihe cy'umubabaro, umuntu wese azirwanaho ukwe imbere y'Imana ». *Intambara ikomeye, p.28,29.*

« Ibi byago ntibizakwira isi yose. Nyamara bizaba ari ishyano ribi kuruta andi mahano yigeze kugera ku bantu. Mu bindi bihe byose kugeza ku gihe cy'imbabazi kirangira, imanza zizagera ku bantu zabaga zivanze n'imbabazi. Guhendahenda kw'amaraso ya Kristo kwakingiraga umunyabyaha ntahorwe ibyaha bye byose, nyamara mu ndunduro y'urubanza hazasukwa umujinya utavanze n'imbabazi ». *Intambara ikomeye, p.28,29.*

« Umukiza mwiza azadutabara igihe tuzaba tubikeneye. Inzira ijya mu ijuru niwe wayihanze n'ibye birenge. Ihwa ryose riduhanda niwe ryabanje guhanda. Umusaraba wose duhamagarirwa guheka, niwe wabanjije kuwuheka. Uwiteka akundira amakuba kuza kugira ngo ategurire umuntu ahazaza heza. Ibirushya ni isabune Imana yogesha abantu bayo ikabamaraho imyanda yose. Igihe cy'umubabaro giteye ubwoba mu bwoko bw'Imana, ariko kizaba ari igihe uwizera nyakuri azaba akwiriye kurarama akareba mu ijuru, maze kubwo kwizera azabona umukororombya wa rya sezerano umugose ». *Intambara ikomeye, p.633.*

« Ubuzima bwa hano ku isi ni intangiriro y'ubuzima bwo mu ijuru. Uburere duhabwa bwagombye kugendera ku mabwiriza yo mu ijuru. Umurimo dukora muri ubu buzima ugomba gutegura uwo tuzakora mu buzima bw'ahazaza. Uko tumeze ku mico yacu no ku mirimo dukorera Imana, n'ibimenyetso by'ukuri by'uko tuzamera mu buzima bw'ahazaza ». *Uburezi, p.311.*

« Umwami araduhamagarira umurimo wo kwihangana ubudacogora mu gushaka gukiza ibihumbi byinshi bya za roho (âmes) byanyanyagiritse mu bihugu byose, bipfira mu byaha bimeze nk'ibikankara by'imodoka byatwawe ku kibuga kiriho ubusa. Abashaka kuzagira uruhare mu ikuzo rya Kristo bagomba nabo kugira uruhare mu murimo we, bitangira gufasha no gutabara abanyantegenke, imbabare n'abacitse intege batereranywe ». *Ibihamya, vol.3, p.357.*

- Akarengane gakomeye kagiye kubaho, abakristo gito bagiye kwihakana Yesu Kristo nka Petero. Kwishushanya ko uri uwa



Kristo kandi utamukorera bigiye kuvaho, umurama utandukane n'amasaka ! « Intara ye iri mu kuboko kwe, kandi azeza imbuga ye cyane, amasaka ye azayahunika mu kigega, ariko umurama wo azawucanisha umuriro utazima ». *Matayo 3 :12.* « Igiti cyose kitera imbuto nziza kiracibwa kikajugunywa mu muriro ». *Matayo 7 :19.*

***Gufata impu zombi bigiye kuvaho uhitemo kimwe !***

« Buri muntu ashinzwe ibye ku giti cye. Ntabwo tuzakizwa muri rusange. Ukubonera no kwiyegurira Imana muri by'umuntu runaka ntibishobora guhabwa undi muntu ufite intege nke. Amahanga yose azanyura mu rubanza imbere y'Imana. Nyamara Imana iziga iby'umuntu ku giti cye nkaho nta wundi muntu uriho ku isi". *Ubusobanuro bwa biblia, vol.4, p.1096.*

"Uko akaga kazarushaho kwiyongera n'akarengane kakaba, umukristo utarihana by'ukuri azacika intege maze areke kwizera kwe. Nyamara umukristo nyakuri azashikama nk'urutare, kwizera kwe kuzarushaho gukomera. Ibyiringiro bye bizarushaho kwiyongera kuruta uko byari bimeze mu minsi y'umunezero n'amahoro". *Intambara ikomeye, p.602.*

"Umuntu wese agomba guharanira kuzakizwa. Ni bitaba ibyo, azarimbuka. Buri muntu wese aziyikorerera uwe mutwaro wenyine, ku giti cye ». *Intambara ikomeye, p.488.*

## *IBYANDITSWE BYERA NI INGABO IDUKINGIRA IBINYOMA BYA SATANI*

- Ibyanditswe Byera bibereyeho kugira ngo birinde umuntu abahanuzi b'ibinyoma, n'abantu bahanzweho n'imyuka iyobya, ishukana. Satani akoresha uko ashoboye kose kugira ngo abantu bagire umwete muke wo gusoma Ibyanditswe, ndetse akabumvisha ko atari akazi kabo, ko Ibyanditswe bifite abantu bagomba kubisoma no kubisomera rubanda, kuko aribo babyigiye. Bityo, abizera ntibagire umwete wo kwishakashakira ukuri mu Byanditswe Byera. (Biblia Yera).

- Impamvu satani arwanya Ibyanditswe Byera, agahugenza abantu ngo batabyisomera, nuko Ibyanditswe Byera byonyine aribyo

bihishura uburiganya bwe. Iyo umuntu atangiye guhumuka, satan amwitaho by'umwihariko, maze akamwihata cyane, mpaka amushubije iyo yari ari mu mwijima. Akamuzingazingira mu kinyedini, maze ntamenye iyo biva n'iyo bijya. Yifashishij ubufana bw'idini, maze benshi bakagendera mu kigare batazi iyo kijya ! Hari benshi batazi amahame amadini yabo agenderaho. Iyo babonye babatijwe, bariruhutsa, bakumva ko nta kindi kibazo Nyamara kirahari !

- Ubu satani arimo gukoranya ingabo ze, kugira ngo agabe ku bakristo igitero cya nyuma cya simusiga ! Akigabye ku bayoboke ba Yesu Kristo. Indindagizi ntizizasobanukirwa ! Ikigeragezo cya nyuma kigizwe n'ibishuko simusiga kiri hafi, kiregereje ! Antikristo agiye gukorera ibitangaza bihambaye cyane mu maso yacu ! Ibyo bitangaza bizaba bisa n'ibya Yesu, ku buryo umuntu utazaba yaritabiriye kwiga Ibyanditswe Byera atazasobanukirwa uburiganya bwe ; ahubwo azahita agwa mu mutego we. Ibyanditswe Byera, byonyine rero bizamenyesha ukuri n'ibinyoma, n'imiterere y'ibyo bitangaza by'ibinyoma. Abubatse ku bitangaza satani azabirenza mu kanya nk'ako guhumbya !

- Abubaha Imana by'ukuri bagomba kwemera gusekwa no guhindwa. Ukwizera Imana kwonyine niko kuzababeshaho. Kugira ngo bazahangane n'igeragezwa rya nyuma, bagomba kuba barimenyereje kumvira ukuri no ku kugenderamo. Satani ntarambirwa, ubu muri iki gihe yakuye agahu ku kibuno ! Nimuhaguruke, mukenyere mukomeze mwiyigishe, Ibyanditswe Byera, mwe kubisomerwa n'abandi ; nibwo muzamenya ukuri nta muntu uzavugira undi . Ntawe uzacika Satani! ku munota wa nyuma ! Satani ntagatume mwishyira mu maboko y'abayobozi b'amadini yanyu ngo abe aribo muha kuyobora ubuzima bwanyu, kuko nibo bagiye kuzabayobya muri iki gihe cy'imperuka. Mwibuke ko abatambyi bakuru aribo bayobeje abantu, ntibamenya ko Yesu, ariwe « Mesiya » bari bategereje, yaje ! Kubera ko abo bantu bizeraga abayobozi babo. Niyo mpamvu rero mugomba guhugukira kwiga Ibyanditswe Byera Biblia zanyu mushakashakemo ukuri kw'Imana, kugira ngo abe ariko mwubakiraho ukwizera kwanyu. Ntawe idini rizajyana mu ijuru ! Umuntu wese azakizwa no kwizera kwe !



***Umwuka w'Imana ntazahora aruhanya n'abantu. Itangiriro 6 :2.***

Ubu Yesu Kristo ni umutambyi mukuru mu ijuru, niwe uhora aduhongerera ibyaha byacu, ariko abikorera abemeye kubimushyira ngo abibakize. Hari benshi batamwitayeho na gato. Igihe kizagera imbabazi zishire ! Nicyo gituma avuga ati :

« Ndagenda kandi muzanshaka nyamara muzapfana ibyaha byanyu, aho njya ntimubasha kujyayo ». *Yohana 8 :21.*

« Icyo mbabwiye ndakibwira bose, nti mube maso ». *Mariko 13 :37.*

« Kandi rero hariho ab'inyuma bamwe bazaba ab'imbere, n'ab'imbere bamwe bazaba ab'inyuma ». *Luka 13 :30.*

***Umwuka w'Imana yatangiye gukurwa mu isi buhoro buhoro***

« Ubu umwuka w'Imana aragenda akurwa mu isi. Umuyaga wa serwakira, imvura y'amahindu n'imiraba yo mu nyanja, umuriro utwika, hamwe n'imyuzure, ibyorezo mu nyanja no ku butaka,a, usanga ari urujya n'uruza, bisimburana ubudatuza. Ubumenyi mvumbuzi (sciences) bugerageza kubisobanura ariko bikaba iby'ubusa. Ibimenyetso bikomeza kwiyungikanya impande zacu, kandi bitumenyesha ukugaruka vuba k'umwana w'Imana byerekezwa ku busobanuro butari ubw'ukuri nyako. Abantu ntibabasha kubona abamaraika bafashe imiyaga ine, kugira ngo idahuha abagaragu b'Imana bataramara gushyirwaho ikimenyetso cyayo. Ariko igihe umwami azabategekera kurekura ya miyaga ine ngo ihuhe, nibwo hazabaho intambara utabasha kugereranya ». *Ibihamya, vol.3, p.13.*

« Twegereje kugera ku kaga ka rurangiza-byose. Ubucamanza bw'Imana buraza bwiyungikanya umuriro utwika, imyuzure, imitingito y'isi, intambara zirimbura imbaga. Ibyo byose ntabwo bigomba kudutungura, kuko Maraika w'imbabazi atazemera gukomeza kurinda abanyabyaha banze kwihana ». *Abahanuzi b'abami, p.212.*

***Gahunda z'isi zizakomeza kubaho kugeza ku munota wa nyuma!***

« Akaga karadusatiriye cyane. Izuba rikomeje kuva mu kirere rikiranuka ku murimo waryo, kandi isanzure ryose rihamya ikuzo ry'Imana. Abantu nabo bakomeje kurya no kunywa, gutera imbuto no kubaka, gushyingira no gushyingirwa. Abacuruzi bakomeje kugura no

kugurisha, abantu bakomeje guhangana, bafite inyota yo kubona imyanya myiza ya mbere. Abashaka amaraha nabo bakomeje kwiruka mu makina-mico (théâtre), mu bibuga by'imikino yo gusiganwa, mu mazu y'imikino. Ugukangurwa muri ibyo kurabuze, ni guke cyane, kandi igihe cy'imbabazi gishigaje gato ngo kirangire, kandi ko ingingo ya nyuma iri bugufi gufatirwa ibyemezo burundu. Satani arabona ko iminota ye yamushiranye.
Arakoresha imbaraga ze zose n'abakozi be, kugira ngo abantu bose babindikiranwe mu binyoma bizezwe ibinyoma, baheranwe n'ibyo barimo bahezwe muri iryo sindwe, kugeza ibwo igihe cy'imbabazi ku banyabyaha kizaba kirangiye, kandi n'urugi rw'imbabazi rumaze gukingwa by'iteka ryose ». *Southern Watchman, 3/10/1995.*

« Igicumuro kibuze gato ngo gikwire hose. Urujijo rugwiriye ku isi yose, kandi ubwoba bwinshi bugiye kuzagwira ibiremwamuntu byose. Iherezo riregereje cyane. Abamenye ukuri bose bagombye kwitegura ibyo bigiye kuzagwira isi, bimeze nk'igitangaza giteye ubwoba ». *Ibihamya, vol.8, p.28.*

« Turi ku rugi rugiye gukingurirwa ibigiye kuza bidasanzwe. Ubuhanuzi bugenda busohora. Amateka atangaje adasanzwe kandi arimo imivurungano arimo kwandikwa mu bitabo byo mu ijuru. Isi yose irateraganwa. Hari intamba n'impuha z'intambara, amahanga yararakaye kandi igihe kirageze cyo gucira imanza abazima n'abapfuye. Ibimenyetso bikomeye biza byihutira gutegurana umuhati umunsi w'Imana. Haracyasigaye igihe gito cyane. Nubwo hatari haba rwaserera hose, ariko ubu igihugu gitera ikindi gihugu, n'ubwami bugatera ubundi bwami; ishyanga rigatera irindi shyanga. Imiyaga ine ariko iracyafashwe, ntirarekurwa, kugeza igihe abagaragu b'Imana bazaba bamaze gushyirwaho ikimenyetso ku ruhanga rwabo. Nibwo imbaraga zose zo kuri iyi si zizihuriza hamwe zose muri urwo rugamba ruheruka ». *Ibihamya, vol.2, p.429.*
« Kandi dore ndaza vuba. Hahirwa uwitondera amagambo y'ubuhanuzi bw'iki gitabo ». *Ibyahishuwe 22 :7.*

- ***Imana yaduhaye Ibyanditswe byera kugira ngo biturinde kugwa mu mitego ya satani***. Ibyanditswe Byera nibyo biturinda abahanuzi b'ibinyoma hamwe n'abantu bakoresha imyuka mibi ishukana. Satani akoresha uko ashoboye kose agatera ubutwari



n'umurava abakozi be batwaye ibinyoma bakwirakwiza hose ubutarambirwa. Abatera gushebekera guhamya ibinyoma bye nk'ukuri kw'Imana. Ku rundi ruhande agatera umwete muke abatwaye ukuri kuzuye kw'Imana akabaca intege, ndetse agatuma abantu badashishikarira gusoma Biblia, akabumvisha ko atari akazi kabo ko gusoma Ibyanditswe Byera , ko ahubwo bazajya babisomerwa n'ababyerejwe mu Missa no mu nsengero bonyine. Bityo, abantu b'Imana bagahezwa mu mwijima w'icuraburindi, ntibazigere bamenya ukuri.

- ***Satani atera abakuru b'amadini kwitoranyiriza inyigisho zihuje n'irari ryabo.*** Bahisha ukuri bagamije kurengera inyungu zabo. Bavangavanga ibyanditswe byera bagamije kujijisha abakristo babo kugira ngo batamenya ukuri, bakabacika. Iyo hagize umukengura amakenga yabo, abajije ikibazo kibakomereye gusubiza, gishaka kuvumbura amayeri yabo, bihutira kumwamagana ngo « ntabwo akizwa », bazingazingira abakristo babo mu isaho imwe, kandi bagahora bacunga ngo hatagira n'umwe uvamo, cyangwa akajya gushaka ahandi ukuri ahishwa n'abayobozi be mu idini. Batera umwete abizera babo wo kujya bagenzurana, kugira ngo usimbukiye ahandi gushakisha ukuri bamucyahe hakiri vuba atabacika! Ibyo bigaragara cyane mu madini y'Abapantekoti, Abagatolika, Abayehova, no mu matorero menshi y'Abaporotestanti. Mbese bikanga iki ? Ni ugutinya ko imbehe zabo zameneka! No mu Israeli ya kera niko byari bimeze. Zefania avuga uko bimeze i Yerusalemu.

« Abahanuzi bawo ni incacanya n'abariganya, abatambyi baho baziruye ubuturo bwera, kandi bagomeye amategeko. Uwiteka uri muri bo arakiranuka ntazakora ibibi, agaragaza gukiranuka kwe mu mucyo, ntabwo asiba, ariko ibigoryi nta soni bigira. *Zefania 3 :4-5.*
*Mbese aho ugira ngo abo batambyi baziruye ubuturo bwera batazi ko ari icyaha ? Mbese ugira ngo abo batambyi bagomeye amategeko y'Imana ari uko batayazi ?* Burya byose babirengaho babizi. Nicyo gituma Imana ibita « ibigoryi » mu by'umwuka.

Impamvu satani arwanya Ibyanditswe Byera, agahuzenza abantu b'Imana ngo batabyisomera, nuko Ibyanditswe Byera aribyo byonyine bihishura uburiganya, amayeri n'ibinyoma bye. Niyo mpamvu yita

cyane ku muntu utangiye guhugukira gusoma Biblia, ashakisha ukuntu yamuca intege, akamucogoza, akoresheje inshuti ze mbi, abavandimwe ndetse n'ababyeyi be, bakabimwangisha. Iyo atangiye guhumuka, satani amwitaho cyane by'umwihariko, ashakisha ukuntu yamusubiza mu mwijima uruta uwo yarimo mbere. Ubu satani arimo gukoranya ingabo ze, kugira ngo agabe ibitero bya simusiga ku ngabo za Yesu zakangukiye gusoma no kwiga Ibyanditswe Byera. Murabe maso! Ijambo ry'Imana rivuga ngo: "Hahirwa usoma amagambo y'ubuhanuzi, hahirwa n'abayumva, bakitondera Ibyanditswe muri bwo: kuko igihe kiri bugufi". *Ibyahishuwe 1:3.*

- Mu minsi iri imbere aha, satani agiye gukora ibitangaza bijya bihwana rwose n'ibyo Yesu yakoze, ku buryo umuntu utarasomye Biblia atazasobanukirwa, ahubwo azahita agwa mu mutego we. Satani, azihindura Maraika w'umucyo. Abiga Ibyanditswe Byera bashishikariye kumenya ukuri bonyine nibo bazabasha kuvangura ukuri mu binyoma bya Satani, byambitswe ukuri kw'Imana ihoraho. Abubatse ku bitangaza ntibazatinda kugwa mu rushundura rwe. Satani azakora ibitangaza, bizayobya n'intore nibimushobokera. Azakorera mu bakristo b'intakekwa, maze abe aribo bamufasha kuyobya abandi. Niyo mpamvu nta muntu ugomba kwimenyereza gusomerwa n'abandi. Buri wese agomba kwishakashakira ukuri kugira ngo abe ariko ashingiraho ukwizera kwe.

- Abubaha Imana by'ukuri bagomba kwemera gusekwa ndetse no guhindwa aho ageze hose. Bazabeshwaho no kwizera kwabo. Bagomba kwiyumvisha ko ibibera ku isi muri iki gihe ari ubushake bw'Imana muri gahunda yayo y'irangira ry'isi. Kuko byose babihishuriwe muri biblia yera, mu gitabo cy'Ibyahishuwe. Ntibazibwire ko bazabihishurirwa na ba Pasiteri, Padiri, Musenyeri babo; kuko n'ubundi babirengaho babizi; ahubwo Biblia niyo ibahishurira byose. Abategereje kuyisomerwa n'abayobozi b'amadini yabo, bazatakara mu mwijima w'icuraburindi.

*Turi mu bihe abantu bagiye kwigabanyamo ibice bibiri gusa : abari mu ruhande rw'Imana n'abari mu ruhande rwa satani. Abo mu ruhande rw'Imana barimo kwimenyereza kumvira amategeko yose y'Imana no kugera ikirenge mu cya Yesu. Abo mu ruhande rwa satani nabo barimo kwimenyereza kugenda bagomera amategeko y'Imana, bakifatanya n'isi n'umutware w'umwijima satani. Abo muzabamenyera ku mbuto zabo. Matayo 7:20. Satani niwe watangiye kwanga amategeko y'Imana, akomeza no kuyangisha abantu bose uko ibihe byagiye bisimburana, kugeza n'ubu. Uwanga amategeko y'Imana nubwo yaba rimwe gusa, uwo ni umukozi wa satani, kuko icyo umuntu yitoza kuba cyo, nicyo azaba cyo ! MWIBUKE IBYO MUKORA.*



« Nuko rero nk'uko umwuka wera avuga ati : uyu munsi niwumva ijwi ryayo ntiwinangire umutima, nk'uko mwayinangiye mu gihe cyo kurakaza ». Abaheburayo 3 :7-8.

« Haracyasigaye igihe kigufi cyane, kandi uzaza ntazatinda. Ariko umukiranutsi wanjye azabeshwaho no kwizera. Nyamara nasubira inyuma umutima ntuzamwishimira ». *Abaheburayo 10 :37-38. UWIBWIRA KO AHAGAZE YIRINDE ATAGWA !*

## *INTAMBARA HAGATI Y'ICYIZA N'IKIBI*

Isi yugarijwe n'akaga gakomeye. Ingo n'imiryango myinshi bibaho ku buryo bukomeye bw'ubufindo. Satani arahirimbanira kwigarurira isi. Ashaka ko « *IKIBI* » kiganzura « *ICYIZA* ». Mu gushaka kubigeraho, akoresha ***itera bwoba, ubwicanyi, ubugambanyi, gushinyagurira abashonji, kwikunda no kwikubiraho byose, guhimba ibibi no kubikundisha abantu, kwambika ubusa igitsina-gore, ubusambanyi bugezweho*** (Umugabo hamwe n'undi mugabo, umugore hamwe n'undi mugore) amadini amwe yamaze kwemeza ko basezeranya umugabo n'undi mugabo, ngo ibyo nta kibazo biteye amatorero yabo ashobora kubikora. ***ubwambuzi, ubuhendanyi*** (corruption), ***uburiganya***, byafashe intera ihanitse cyane. Iyo witegereje neza, wibaza niba Imana itaba muri iyi si. ***ubusinzi no kunywa ibiyobyabwenge*** byigaruriye igice kinini cy'abatuye isi. ***abanyamadini*** benshi bashishikariza abizera babo gusuzugura Imana. Iyo urebye neza, harubwo wakwibwira ko « *IKIBI* » cyamaze kwiganzura « *ICYIZA* ». Hagati ya byombi hari intambara ikomeye ; ariko ikibi gifite uburemere bwinshi mu bikorerwa kuri iyi si ya none. Ariko ku iherezo « *ICYIZA* » kiziganzura « *IKIBI* » burundu.

## INTAMBARA YARATANGIYE KANDI IRAKOMEJE. HARI INTAMBARA HAGATI YA KRISTO NA SATANI

Iyo ntambara ikomeye iri hagati ya Yesu Kristo na Satani, irwanirwa mu mitima y'abantu, ikagaragarira mu byo bakora. Iyo ntambara yatangiriye mu mitima y'abantu ; igaragarira mu mico yabo. Ikibi n'Icyiza rurajya imbizi ! Abantu banze abandi. Isano-muntu ntacyo ikivuze muri iki gihe : kuko umuntu arushwa agaciro n'inyamaswa. ***Intambara turwanira mu mitima yacu niyo irusha izindi zose -:-komera*** ! Iyo ntambara imaze igihe kinini irwanira mu mitima y'abantu ; none ubuheruka irarwanirwa ku mugaragaro. Iyo ntambara izagera kuri buri wese. Intambara y'ikibi n'icyiza, n'intambara iteye ukwayo ; kandi izagira ingaruka mbi cyangwa nziza kuri buri muntu wese utuye isi.

## UBUHANUZI BWEREKANA UKO BIGIYE KUGENDA

- Abantu bazashyiraho amabwiriza kandi bashebekere ko yubahirizwa kuruta amategeko y'Imana. Ntabwo bazigera bita ku wubahirizwe bikomeye, bazahatira abantu bose gusuzugura amategeko y'Imana. Amategeko y'Imana yerekana imico yayo. Abagaragu b'Imana bazahabwa ibihano bishishana, bakozwe isoni, nubwo nta kibi bazaba bakoze kuko Satani azaba yihanze mu Banyamadini bakabya, kugira ngo batoteze bagenzi babo batavuga rumwe. » *Ibihamya, Vol 3 .P.466.*

- Abayobozi b'amadini bavuga ko bayoborwa n'Imana, kandi bahamya ko bameze nk'umwana w'intama (Yesu Kristo), ariko ibikorwa byabo bizerekana ko bafite umutima wa cya Kiyoka (Satani), kandi ko umwuka ubakoresha ar'uwacyo. Igihe kirasohoye ubwo ubwoko bw'Imana bugiye gutotezwa bikomeye bazira ko *BEZA UMUNSI WA KARINDWI* (Sabato). Ariko nubwo bimeze bityo ubwoko bw'Imana bugomba gushikama. Umwami wacu azarwanirira bikomeye ubwoko bwe. Azabereka ko ari Imana isumba ibigirwamana byose. » *Ibihamya, vol, 3 P. 466-467.*



- Isaha igiye kugera ubwo buri wese azashyirwa mu bigeragezo ku giti cye. Isabato y'ibinyoma (Dimanche) izahatirwa abantu bose; hazabaho kujya impaka hagati y'amategeko y'Imana n'ay'abantu. Abimenyereje kugendera mu mihango y'isi bose bazayoboka Dimanche ishyigikiwe n'abategetsi aho kwemera gusekwa, gutukwa, gukangishwa gufungwa, ndetse no kwicwa. Muri icyo gihe rero nibwo izahabu izatandukanywa n'inkamba. Inyenyeri (abayobozi) twishimiraga umucyo utangaje, zizijima. Abambaye umwambaro w'abatambyi, ariko bakaba batambaye umwambaro w'ukuri kwa Kristo nibwo bazagaragaza isoni z'ubwambure bwabo." *Abahanuzi n'abami. P. 141.*

- Itorero ryasigaye ryitondera amategeko y'Imana, rigiye kunyura mu kaga gashishana no mu bigeragezo bikomeye. Abakomeza amategeko y'Imana bose bafite guhamya kwa Yesu, bagiye kubabazwa n'uburakari bwa Satani n'ingabo ze bugiye kubasukwaho. Satani abona ko isi yose yamaze kuyigarurira uretse agatsiko gato k'abantu bakimunanira, naho andi madini yose yayigaruriye. Aramutse abashije gukura ku isi ako gatsiko, insinzi ye nibwo yaba yuzuye. Nk'uko rero yatumye ibihugu by'abapagani bisenya Israeli, no mu gihe cya bugufi cyane, niko azatuma amahanga yose yo ku isi ahagurukira kurwanya ubwoko bw'Imana. Abazashaka kuba indahemuka ku Mana ku nshingano zabo zose, bazagambanirwa n'ababyeyi babo, ndetse n'inshuti-magara zabo. *Ibihamya, Vol.9, P.231.*

- Ibihe biri imbere yacu aha, ni iby'intambara z'urudaca: kuba wafungwa, kuba wanyagwa ibyawe, no kuba wabura ubuzima bwawe uharanira kurengera amategeko y'Imana yasimbujwe ayashyizweho n'abantu, n'ibyo tugomba kwitega. "*Ibihamya, Vol. 2, P. 374.*
- Igihe kiradusatiriye cyane, kirihuta gutera intambwe nini gikataje, ubwo abarwanira ukuri bazamenya mu bikorwa icyo bisobanura "Gufatanya na Kristo mu mibabaro ye". Umuhendanyi kabuhariwe abona ko ashigaje igihe gito cyo gukora imirimo ye, kandi ko mu gihe gito azaba atagifite ububasha bwe; none arakorana umuhati udasanzwe n'ubuhendanyi bw'ikibi cyose mu mitima y'abana bo kurimbuka. Ubuhakanyi n'ikinyoma

bwanyukanyukiye hasi ukuri n'ubutabera n'ubutungane. Imbaraga yose iza irwanya ukuri irashyigikirwa bikomeye. *"Southern Watchan, 31/10/1905.*

### *ISI YOSE IZATWARWA N'UBUHENDANYI BWA SATANI!*

***Igare ry'umwotsi rijyanye abantu mu irimbukiro.***

"Neretswe igare ry'umwotsi rigenda ryihuta nk'umurabyo. Maraika ambwira kuryitegereza cyane. Ndihangaho amaso cyane. Byasaga nk'aho abo mu isi yose baryicayemo, nta n'umwe wasigaye hanze ! Maraika arambwira ati: Bahambiriwe nk'imiba yiteguriwe gutwikwa. Nuko ambwira kureba umutware w'iryo gare ry'umwotsi uwo ariwe, wasaga n'umwami, kandi abagenzi bose bari baririmo baramutangaririaga, bamwubashye. Nibaza uwo ari we, mbwira Maraika uwo nabonaga ko ari we (umwami). Aransubiza ati: ni Satani we ubwe. Niwe utwaye igare ry'umwotsi, wigize Maraika w'umucyo. abo mu isi yose yabahinduye imbohe ze. Bose bemeye imbaraga z'ubushukanyi bwe n'ibinyoma bye; niyo mpamvu bose bazarimbuka. Naho uriya munini uri iruhande rwe umwungirije, ni Mekanisiye, hari n'abandi bashinzwe imirimo inyuranye kuri iryo gare. Baragana mu irimbukiro bihuta nk'umurabyo. *"Inyandiko za kera, P.88.*

***Niyo mpamvu Ijambo ry'Imana ritubwira riti:*** "Nicyo gituma dukwiriye kurushaho kugira umwete wo kwita ku byo twumvise, kugira ngo tudatembanwa, tukabivamo. *"Abaheburayo 2:1.* Hari ababwiriza butumwa bamaze igihe bakorera Yesu, ariko ubu Satani akaba amaze gutega za Mine nyinshi mu nzira barimo, kugira ngo abahindure Abakarasi be. Murabe maso! Kandi uwibwira ko ahagaze, yirinde atagwa (*1Abakorinto 10:12*). Birababaje cyane kubona wahinduka umukarasi wa Satani! Ibyo wigisha abandi ntibigire icyo bikumarira; inzira urangira abandi, wowe ntuyinyuremo! Ibyo wizeza abandi ko bazabona, mu bwami bw'ijuru, wowe ntuzabibone!

- Turi mu gihe cy'igosorwa. Igishobora kugosorwa cyose kizagosorwa. Dushobora kumenya ukuri, ariko ntabwo Uwiteka azatubabarira nituramuka tutumviye amategeko ye, mu magambo no mu bikorwa. *"Ibihamya by'itorero, Vol. 6, P. 332.*
- Nabonye abasigaye batiteguye ibyenda kuba mu isi. Ubugoryi bumeze nk'ibitotsi aribwo bwibereye mu bantu b'ingenzi bigisha



kwizera kudafite ubutumwa buheruka. Umurimo ukomeye ukwiriye gukorerwa abasigaye. Maraika yaravuze ati: ingabo nyinshi z'abamaraika babi zirabagose. *"Inyandiko za kera, P.119.*

- Hafi y'abavuga bose ko bizera ukuri ko muri iki gihe, ntabwo biteguye gusobanukirwa n'umwiteguro wo muri iki gihe. *"Ibihamya, Vol, 1, P. 466.*

Ibihe birushya biraturindiriye. Umuntu wese uzi ukuri akwiriye gukanguka, maze impagarike ye, n'umutima we, n'ubwenge bwe, n'umwuka we akabyubahisha amategeko y'Imana. Satani ahora atwoga runono, dukwiye gukanguka tukamwamaganira kure. *Yakobo 4:7.* Igihe cy'akaga gakomeye kirindiriye abana b'Imana. Satani yashyize abakozi be ku murimo impande zose, kugirango babariganye, babahende ubwenge, bazingitiranye abantu, bakomeza kudamarara kugeza igihe cy'irangira ry'imbabazi. *"Uwifuzwa ibihe byose P. 628.*

### *GUKIRANUKA N'IBY'UMUNTU KU GITI CYE !*

Ingorane ikunze kugaragara cyane mu itorero, n'uko hari abakristo bamwe bagendera ku bandi. Hari abakristo bubatse ku bandi bakristo bagenzi babo. Babareberaho byose. Bakora ibyaha nabo bakabikora; bakora ibyiza nabo bakabikora. Bakererwa, n'abandi nabo bagakererwa; bazinduka kare, n'abandi bikaba uko. Abantu nk'abo b'indindagizi, ni impumyi zirandatwa n'izindi mpumyi zitazi iyo zijya. "Ariko impumyi iyo irandase indi zombi zigwa mu mwobo". *Matayo 15:14.* Haranira guhumuka mu bwenge, maze umenye gucunga izamu ryawe. Ugomba kugira Yesu Kristo uwawe. Ugomba kwigira mu ijuru ukamuzana ari uwawe ku giti cyawe, ntushakire Yesu ku bandi. Ugomba guhora uzirikana ko gukiranuka ari iby'umuntu ku giti cye. Nta muntu uzasabira undi ubugingo buhoraho. Nicyo gituma kugendera ku bandi ari ukwihenda cyane. Buri muntu wese azikorera umutwaro we. Umuntu wese azimurikira ibyo yakoze. *Abaroma 14 :12.*

Indi ngorane iboneka nanone mu itorero, n'uko abungeri b'umukumbi bimenya ubwabo, maze bakabaga izibyibushye zo muri zo, bakazihekenya Izavunitse ntibazunge, izacitse intege ntibazisindagize, izatatanyijwe ntibazigarure, kandi izazimiye

ntibazishake. Nicyo gituma Uwiteka avuga ati: "Abungeri b'Israeli bimenya ubwabo bazabona ishyano! Mbese ntibakwiriye kuragira intama? Ariko mwebwe murya ibinure mukiyambika ubwoya, mubaga izibyibushye ariko ntabwo muragira intama". *Ezekieli 34:2-3*. Buri muntu wese w'umuyoboke wa Kristo ni umwungeri. Mbese uragira neza intama washinzwe? Buri muntu wese azabazwa umukumbi yashinzwe. Buri wese azabazwa ku giti cye, ukuntu yakiranutse mu mirimo yose yahawe. Ntawe uzavugira undi, kandi gukiranuka k'umuntu ntabwo kuzahabwa undi muntu wagize intege nke. Buri wese azibarizwa ibyo yakoze. Kandi ntihariho kurobanura ku butoni. *Abaroma 2 :11*.

- Ku munsi w'amateka, uko tuzaba twarakoresheje uburyo bwose twahawe bizasuzumwana ubwitonzi." *Intambara ikomeye, p.529.*

Abantu bakora ibibi, bazakomeza gukora ibibi. Abantu bakora ibyiza bazakomeza gukora ibyiza. Nyuma y'igihe cy'imbabazi, nta muntu uzaba agihinduye imico ye. Ntihazongera kubaho imbabazi za kabiri kuri buri wese. *"Ubusobanuro bwa Biblia, P. 989.*
"Hahirwa umuntu wizera Uwiteka, Uwiteka akamubera ibyiringiro". *Yeremiya 17:7.*

## *GAHUNDA Y'IMANA NTIHINDUKA. Malaki 3:6.*

Imana ntiyivuguruza, kandi ntivuguruzwa, kuko itabasha kwihenda. Imana yacu irakomeye cyane. Niyo ivuga, bikaba; yategeka bigakomera. Uwiteka Imana yacu niyo iyobora gahunda z'isi zose, uko ibihe bisimburana iteka. Bakristo bantu bakunda Uwiteka Imana, mwizera Imana yacu: kuko ikomeye cyane! Ifite ubushobozi buheranije. Ntiyica isezerano ryayo. Niyo ikora ibikomeye bitarondoreka. Ibitangaza byayo ntibibarika. Itigisa isi, ikayikura ahayo. Yimura imisozi, ikayubikana uburakari bwinshi. Niyo yabambye ijuru, kandi isi nayo yayitendetse ku nkingi mu kirere. Niyo yaremye ukwezi, inyenyeri, n'izuba, ibiha gahunda bikoreramo. Ibisi byo mu ijuru byubahiriza amategeko yayo. Niyo ifite ubugingo bw'ibyo yaremye byose bifite umwuka mu mazuru bihumeka. Ibiriho byose niyo ibibeshejeho. Irasenya, ntihagire uwubaka. Ikingirana umuntu, ntihagire umukingurira. Niyo yahaye ibicu gupfunyika amazi (imvura) mu kirere, kandi ni nayo igwisha imvura igihe ibishakiye.



Niyo yimika abami n'abatware b'isi bose, kandi ikabakuraho igihe ishakiye. Niyo iyobora gahunda z'ihindagurika ry'ibihe byose. Imbaraga n'ubuhanga bifitwe nayo, kandi niyo byose bikomokaho. Niyo ica imanza zitabera. Amategeko yayo niyo Leta z'isi zubakiyeho ubutegetsi bwazo. Ububasha bwayo buheranije nibwo butuma ibyo yaremye byose byororoka ku isi. Amasezerano yayo ahoraho iteka ryose. Amen. Uwiteka Imana yacu irakomeye cyane. Uyizera wese ntazakorwa n'isoni. *Abaroma 10 :11.*

***Uwiteka yaravuze ati:***
"Sinzica isezerano ryanjye. Sinzahindura ijambo ryavuye mu kanwa kanjye". *Zaburi 89:34.*
"Sinzivuguruza umurava wanjye". *Zaburi 89:33.*

"Yibuka isezerano rye iminsi yose; ijambo yategetse, iryibuka ibihe ibihumbi". *Zaburi 105:8.*

* * * * * *

*IMANA IDUFASHE KUGIRA NGO TUGIRE UBUTWARI BWO GUFATA IBYEMEZO BYA KIGABO, BYATUBASHISHA KWITONDERA AMATEGEKO CUMI YOSE Y'UWITEKA IMANA YACU, NO KWEMERA KUYOBORWA N'IBYANDITSWE BYERA UKO BYATUGENDEKERA KOSE.*

*UBUNTU BW'UMWAMI YESU BUBANE NAMWE MWESE. AMEN.*

***Secrétariat Evangélique de Muhima***
***B.P. 2644 KIGALI-RWANDA***

***C/O INZU Y'IBWIRIZABUTUMWA***